# Urubanza

Birmingham, Alabama, USA
12 Mata 1964

1 Kandi niringiye kuzagaruka umunsi umwe, niba yesu atinze. Noneho, ndakeka ko muri kwibaza impamvu… Umuntu yarambwiye undi munsi… Narimpagararanye n'umugabo w'icyamamare. Nkunda uwo mugabo. Nta mpamvu yo kuvuga izina rye kuri njye. We ni… ni umwe mu nshuti zanjye z'inkoramutima; Oral Roberts. Oral yaje mu materaniro yanjye. Mwene Data Jack Moore yari ahari. Yari afite agahema gashaje yari yashinze hanze aho ngaho... aho mu burasirazuba bwa Kansas City, kandi nari ndaho muri auditorium, cyari ikintu kirutaha gato. Aza aho maze ahagarara ku ruhande, aravuga ati, "Mwene Data Branham, utekereza ko Imana yakumva amasengesho yanjye?"

Ndavuga nti, "Yumva amasengesho ya buri wese."

Noneho uwo mugabo ntabwo azi ukuntu ari umukire, yubatse iseminari ya miliyoni mirongwitanu z'amadorari n'ibiro bya miliyoni eshatu z'amadorari. Ndatekereza ko iryo ni ishimwe ndetse n'umusanzu mu kwizera k'umuhungu umwe muto w'I Oklahoma kubw'Imana.

2 Tommy Osborn, yari aho haruguru wa mugoroba igihe wa musazi yaje yiruka ku gicaniro aho muri Portland, Oregon, kugira ngo anyice. Maze aravuga ati, "Wa mubeshyi we." Ati, "Wowe..." Mbega yarimo anyita ibibonetse byose, umugabo munini ukomeye. Hari nk'ababwiriza mirongwitanu ku gicaniro bari bamuhunze. Yari umusazi watorotse ikigo cy'abasazi. Munini, amaboko manini, apima hafi nka metero ebyiri zirenga z'uburebure, n'amaboko akomeye manini. Njye napimaga nk'ibiro mirongwitandatu.

Aza yiruka ku gicaniro, aravuga ati, "Uyu mugoroba ngiye kugukubita hasi imbere y'aba bantu." Nari nzi neza icyo nkwiriye gukora biruta kugira icyo navuga, kandi abantu bose bari batatanye. Kandi nahagaze aho ntanyeganyega. Ese sibyo, ntugerageze kwinjizamo ibitekerezo byawe. Nuramuka ubikoze, aho uzazimira. Nahagaze aho ntanyeganyega, kandi namwumvise ubwanjye avuga ibi... Uwo ni Umwuka Wera wabivugishaga iminwa yanjye.

Mwibuke, Imana ikora inyuriye mu bantu. Ihitamo umuntu. Yashoboraga kuba Yarabwirije Ubutumwa Bwiza ikoresheje inyenyeri, cyangwa binyuze mu biti, cyangwa binyuze mu muyaga, ariko yahisemo umuntu. Icyo nicyo ikoresha buri gihe, Yahisemo umuntu, Ihishura amabanga y'umutima kandi Ikamenya mbere n'ibintu binyuze mu bagaragu Bayo b'abahanuzi, Aravuga.

Noneho, uwo mugabo yarahagaze mu ntambwe nke hafi yanjye, kandi yari yambujije amahwemo uko ashoboye. Yagaragaraga nka Goliyati. Kandi aho Umwuka Wera aravuga ati, "Kubera ko wakabirije Ijambo ry'Imana, uyu mugoroba uragwa ku birenge byanjye."

3 Kandi noneho ushobora gutekereza umugabo nk'uwo mu gihagararo yari afite, gutekereza ku mugabo ufite ibiro mirongwitandatu ahanganye n'umuntu upima ibiro ijana na mirongwitanu… byaba ari nk'umusozi uhagaze imbere yawe, nicyo yatekerezaga.. Aravuga ati, "Ndakwereka nyiri birenge ndibwiture imbere," ahita afunga igipfunsi aragifora. Ntabwo nigeze nigirayo, nahagaze aho gusa. Maze azamuka aho kuri njye, arifora nka gutya kugira akinkubite. Maze numva muri njye, atari ikintu njye nashobora kuvuga habe na gato, riti, "Satani, va muri uyu muntu." Risakuza nka gutyo. Kandi igihe yari afoye icyo gipfunsi cye, ibiganza bye birazamuka, amaso ye arasohoka nuko yizengurukaho, ururimi rwe rurasohoka maze atangira guta inkonda ziva mu kanwa ke. Arikaraga arikaraga, maze ahita yikubita hasi nuko afata ku birenge byanjye aho hasi.

Kandi hano hari haje abapolisi, kandi barimo bamwirukaho. Byatumye nzana abo bapolisi babiri kuri Kristo aho bari muri icyo cyumba cyo kwambariramo aho muri iyo auditorium, kandi uko… ndatekereza ko aho hari nk'ibihumbi bitandatu birenga aho imbere, kandi abarenga abo inshuro ebyiri bari hanze, kandi imvura yarimo igwa, abo bari bahagaze haruguru no hepfo ku duhanda bitwikiriye imitaka. maze amfataho ari aho hasi. Maze aravuga ati, "ese yapfuye?"

Ndavuga nti, "Oya, mugabo."

"Rero," ati, "ese yakize?"

Ndavuga nti, "Oya, mugabo. Aramya uriya mwuka. Murabona? Nta buryo bwo kumufasha bwari buhari habe na gato kugeza akuye ibyo mu mutwe we." Ndavuga nti, "Ariko ndifuza ko mwankura ku birenge kugira ngo mbone uko ntambuka." Murabona?

4 Tommy Osborn yabonye ibyo, maze arataha nuko yifungirana ubwe mu cyumba nk'iminsi itatu. Yatwaye imodoka inzira yose kugera Jeffersonville. Maze aramanuka, kandi yari umuntu unaniwe, arimo yirukankana imodoka ye. Aravuga ati, "Ese utekereza ko naba mfite impano yo gusengera abarwayi?"

Ndavuga nti, "Tommy, ugaragara nk'umuhungu wateye imbere, kandi waba ikintu cy'ingenzi ku Bwami bw'Imana." Ndavuga nti, "Tommy, ntukore nk'ibyo. Ntugende utekereza ku bintu nk'ibyo." Ndavuga nti, "Urazi Imana yaraguhamagaye kugira ngo ubwirize Ubutumwa bwiza. Niba yaraguhamagaye kugira ngo ubwiriza Ubutumwa bwiza, ubwo gukiza indwara kwa Kimana kuri muri ibyo." Maze azamukana na Mwene

Data Bosworth.

5 Kandi undi munsi mpagarara aho maze ndareba mu nzu ye, kandi oh, mbega, yari miliyoni n'igice by'idorari cyangwa ikindi kintu nk'icyo. Ndareba aho Oral ahagaze nka hariya. Nari ntegereje… Nari nazamutse; Oral ameze neza kandi nabandi barimo bagaragara aho, bene Data beza. Nuko mpagarara hariya, nuko ndatekereza nti, "Tekereza. Nari mu murimo mbere y'uko batangira. Buri wese muri bo yakubwira ko yakuye guhumekerwa muri ibyo." Ndatekereza nti, "Sinakwifuza ko baza mu biro byanjye. Mfite akamashini kamwe ko kwandikisha gateretse aho ku mpera y'akameza. Murabona? Sinakwifuza ko bo babibona." Maze ndatekereza nti, "Mwami, reba hano. Reba muri iyi nyubako nini, ifi agaciro ka miliyoni eshatu, nkuko bavugaga."

6 Nuko ndatekereza, ndeba aho hepfo mu muhanda, maze ndagenda maze ndavuga nti, "Ubuturo bw'ahazaza bwa runaka; ubuturo bw'ahazaza." Maze ndatekereza… Ariko ibi ntabwo mbivugira gutesha agaciro aba bene Data, ahubwo n'icyo nabwiwe… Ndatekereza nti, "Ese ubuturo bw'ahazaza bwanjye burihe?"

Ikintu kiravuga kiti, "Reba hejuru." Ibyo birampagije. Nuko ndeba ubwanjye hejuru. Cyokora sinshatse kuvuga ko bo batazabayo (Murabona?), ariko ibyo byari ukugira ngo bintere umwete. Murabona? Ntabwo nari kugira ibitekerezo bihagije byo kumenya uko nagenza amafaranga nkayo. Imana nayo ibyo irabizi. Kandi noneho, byari kugenda gute iyo nza kuba mfite inshingano zikomeye nk'izo? Ese utekereza ko naribuze ahantu nk'aha? Mutekereza ko nari bukore amateraniro y'iminsi itatu nka Mwene Data Roberts, ighe Mwene Data Roberts aba agomba kubona byibura ibicumbi icumi ku munsi. Rero ibyo byansaza ku munsi wa mbere. Murabona? Nshobora gukora amateraniro ahantu harimo abantu batanu, cyangwa abantu babiri, cyangwa umuntu umwe, cyangwa nkajya aho ariho hose Antumye. Nta kindi nkeneye uretse kurushaho kumugira We. Noneho icyo nicyo nshaka ko munsengera, kugira ngo ndusheho kumugira We, nkamumenya. Umwami abahe umugisha.

7 Buri gihiriri… Noneho, hari inzego eshatu z'abantu; abizera, abigira abizera, n'abatizera. Murabafite muri buri tsinda. Yesu yari abafite mu Be. Kandi naberetse uburyo yabatandukanije kubwo kuvuga ibintu kandi ntabisobanure nagato. Murabona, ntabwo Yigeze na mba Asobanura impamvu bagomba kurya umubiri We, impamvu Yaje... uburyo Yagombaga kuzamo, kimwe no kuzamuka, mu gihe aba bantu bari baziko ari umuntu usanzwe, uhereye mbere Yari afite izina ribi. Ariko Yabivuze kugira ngo agerageze kwizera kwabo.

Abo bigishwa ntabwo bigeze banyeganyega. Ntabwo bashoboraga kubisobanura, ariko murebe icyo Petero yavuze ati, "Mwami, ese nihe handi twajya?" Murabona, bari babonye Ijambo ry'Imana ryo kuri uwo munsi ryari ryarasezeranywe kuri bo, rihamirizwa. Baravuga bati, "Tuzi ko uwo ari we soko."

8 Murebe uriya mugore w'Umushunemukazi, igihe yabonye uwo muhungu muto yakuye mu migisha ya Eliya. Yaravuze ati, "Muntegurire amatandiko, kandi ntuhagarare kugeza mbikubwiye." Murabona? Kandi ajya kureba umuntu w'Imana, ndetse ntabwo yari yigeze abimenya. Ariko yamenye ko niba Imana ishobora kugira umuhanuzi wo kumubwira ko azagira umuhungu, agomba no kumenya impamvu Imana yatwaye umuhungu we. Kandi yaratitirije mu gukora ibyo. Kandi mwibuke, yagumanye na we... no kwizera kwe kwagejeje kukumenya icyabiteye. Kandi Eliya aragenda, habe no kumenya icyo ari bukore, yazamutse hejuru no hasi, arambarara kuri uwo mwana, kandi agaruka mu buzima.

Murabona, ni ukubera ko uriya muntu yizeye. Bo… ntabwo bashobora kubisobanura. Nta n'umwe ushobora gusobanura Imana. Ariko igihe ubonye Imana ikora ikintu mu Ijambo Ryayo icyo Yasezeranye ko Izakora…

9 Mwitegereze bariya basirikare b'abaroma basinze kuri uriya munsi, aho mbere yo kubambwa, bamwohereza hanze maze bamukubita inshyi mu maso no ku matama, n'ibindi nk'ibyo… Aravuga ati, "Noneho, niba uri umuhanuzi, tubwire ninde ugukubise." Yari azi umukubise, ariko ntabwo Yagomba gukina. Murabona?

We gusa… Yakoze gusa… Yaravuze ati, "Ni ukuri ni ukuri..." Yohana 5:19. Noneho, mwumve, "Ni ukuri, ni ukuri, ndababwiye, Umwana nta kintu yakora ku Bwe; ariko icyo Abonye Data akora, icyo nicyo Umwana nawe Akora." Kubw'ibyo, ntiyigeze na rimwe akora igitangaza na kimwe kugeza Imana ibimweretse binyuze mu iyerekwa icyo agomba gukora, bikurikije amagambo Ye Bwite. "Umwana ntacyo Yakora ku Bwe." Ntabwo ari icyo Yumva, ahubwo Abonye Data akora, ibyo nibyo Umwana Akora.

Nta muhanuzi, nta bamenya muri Bibiliya wigeze akora ikintu kubw'amahirwe. Imana yabanzaga kumwereka. Bityo nta… nta mubiri w'umuntu, habe n'umubiri wa Yesu Ubwe wakwihimbaza… byose ni mu Mana. Imana irabyerekana, kureba. Tubikora nkuko Yabitweretse kandi akatubwira. Buri wese muri twe akora nk'ibyo.

10 Noneho reka Umwami abahe umugisha noneho. Kandi ngiye kubasaba iyi nyuma ya saa sita nkuko turi gusoma Ijambo… Noneho, muri abantu beza, abo nshobora guhagarara nkavugana nabo nkongera

nkavugana nabo. Ariko ndashaka kongera kuvuga; ndimo ndatesha agaciro Ubutumwa Imana yampaye kubwo kugira hano... Twashoboraga kugira amateraniro atanu, ariko ndatekereza ko tudashobora kubona iki cyumba, bityo biradusaba kuyagira ane...hano amajoro atatu, kandi noneho umurimo wo gusengera abarwayi. Iki... Murabona, ntabwo nubwo muzi icyo mubazwa cya mbere.

Bityo ahari igihe kimwe, niba Imana ibishimye, no gufashwa n'Imana no gufatanya namwe bantu beza, ndifuza kongera kugaruka maze ngafata bene Data, mwese hamwe. Twe… bishobora kumvikana nk'ibishekeje gato, ariko, nti,"Muze, tujye inama," niko Uwiteka avuga. Reka... Reka gusa... Murabona? Ariko ibyo... kugeza icyo gihe, nindamuka ntabashije kubikora, mwibuke, igihe nzongera kubabona aho ku rundi ruhande rw'uruzi, Imana izongera kubahamiriza ko uku ari ukuri ndimo kubabwira. Iryo ni Ijambo Ryayo.

Ese sinaba ndi inryarya? Ese ni iki… ni iki… ni iki naba nibikiye? Mfite umugore n'abana mu rugo, barimo barira kuri telefon mu kanya kashize, bati, "Ese kuki utaza mu rugo?" Ariko hari abandi bana barwaye kandi babaye, hari abandi bagabo bafite abagore n'abagore bafite abagabo bakeneye agakiza. Ntabwo nakora ibyo niba ntekereza kwambuka uruzi. Murabona, hariya hakurya nzicara maze nduhukeho gato. Kugeza ubwo, ndimo ndagenda nsaza, kandi sinshobora... sinshobora kwiyumva nkuko byari bimeze mu myaka yashize ubwo natangiraga. Ariko njye... ndacyakomeza uko biri kose... Ndagenda uko biri kose, kubera ko aya niyo mahirwe yanyuma yo kuba nabasha kubikora, muri ubu buzima.

Buriya buzima bundi, ntabwo buzakenera ibi.

11 Reka duhaguruke noneho kubwo kubaha Ijambo Ryayo, mu gihe turimo gufungura muri Mariko ibice 16. Noneho ngiye guhera ku murongo wa cyenda. Mwumve neza, niba mubishaka. Ubu ni ubutumwa busoza. Ubu, uyu munsi, ni ubutumwa busoza iki gice cy'igiterane hano. Kandi niko biri... Ibi ndimo gusoma ni Ijamo risoza, ikintu cya nyuma Yesu yabwiye itorero Rye mbere y'uko Agenda, Ijambo rya nyuma, ako kanya nyuma y'umuzuko. Igice cya 16 cya Mariko, ngiye guhera ku murongo wa cyenda.

Nuko amaze kuzuka mu museke ku wa mbere w'iminsi irindwi, abanza kubonekera Mariya Magadalena, uwo yirukanyemo abadayimoni barindwi.

Uwo aragenda abibwira ababanaga na we, asanga baganya barira bari mu majune.

Na bo bumvise yuko ari muzima(Mubitekerezeho… igihe bumvise ko ari muzima. Oh, mbega. Ndibwira ko dushobora kumva ibintu bimwe n'ibyo uyu munsi, kandi tukamenya ko Ari muzima. Murabona?) Na bo bumvise yuko ari muzima abonywe na we, ntibabyemera.

Hanyuma y'ibyo Yesu abonekera... (Abonekera abandi) ...babiri muri bo afite indi shusho, bagenda bajya imusozi. (Uwo yari Clewopa n'inshuti ye bagiye Emmawusi)

Na bo basubirayo babibwira ba bandi, nyamara ntibabemerera na bo.

Ubwa nyuma abonekera abigishwa be cumi n'umwe bicaye bafungura, abagaya ku bwo kutizera kwabo no kunangirwa kw'imitima kwabo, kuko batemereye abamubonye amaze kuzuka. (Ndibaza niba yakora ibyo bintu bimwe kuri twe ubu. Murabona?)

Arababwira ati "Mujye mu bihugu byose, mwigishe abaremwe bose ubutumwa bwiza.

Uwizera akabatizwa azakizwa, ariko utizera azacirwaho iteka.

Kandi ibimenyetso bizagumana n'abizera ngibi: bazirukana abadayimoni mu izina ryanjye, bazavuga indimi nshya,

bazafata inzoka, kandi nibanywa ikintu cyica nta cyo kizabatwara na hato, bazarambika ibiganza ku barwayi bakire."

Nuko Umwami Yesu amaze kuvugana na bo, ajyanwa mu ijuru yicara iburyo bw'Imana.

Abo barasohoka bigisha hose, Umwami Yesu ari kumwe na bo abafasha, akomeresha ijambo rye ibimenyetso byagendanaga na ryo. Amen.

Noneho, umutwe w'ikibwiriza wanjye uyu mugoroba, ngiye gukuramo hano ni, "Urubanza mu rukiko." Noneho, reka twubike imitwe yacu.

12 Data wo mu ijuru, turagusaba kugira ngo ufate Ijambo Ryawe, kandi nkuko tukuzaniye kuri aya manywa uru rubanza rw'Ijambo Ryawe, turagusenze kugira tubashe kumva Kugaragara kwa Yesu wazutse. Reka twe kuba abanebwe. Kandi nkuko Wavuganye nabo igihe Wavuganaga n'abari munzira bajya Emawusi, uburyo Wavuganye nabo. Kandi Ukababwira uti... ni iki kibahangayitse? Ese ni iki kibateye agahinda? Ndetse baravuga bati Ugomba kuba uri Umushyitsi. Kandi babwiraga ibyo Yesu w'i Nazareti, Uwo wari umuhanuzi w'ukuri...

Kandi igihe bavuganye na We nk'umuhanuzi, noneho nta kindi wabakoreye uretse kubibutsa ko Wagombaga kugaruka ku Ijambo, kubwo kuba umuhanuzi, kubera ko Ijambo riza ku muhanuzi. Noneho Warabahindukiriye maze uravuga uti, "Mwa bapfu n'ab'imitima itinda kwizera, ntimukwiriye kwizera ibyo abahanuzi bavuze byose byerekeye Kristo; uburyo Yagombaga kubabazwa ibi bintu byose Wavuze, kandi hanyuma Akinjira mu bwiza Bwe." Kandi ahereye mu Isezerano rya Kera, usubiye inyuma kera mu itangira, Abereka icyo abahanuzi bari baravuze kuri We. Ariko nabwo ntibasobanukirwa.

Ariko umwanya umwe bari mu nzu, imiryango ikinze, noneho Wakoze ibintu mu buryo Wabikoze mbere y'uko Ubambwa, kandi noneho amaso yabo arafunguka. Uhita uburira imbere yabo vuba vuba. Kandi bariruka maze babibwira abo bandi aho bari bicaye barimo gufungura... ifunguro rya nimugoroba, kandi Ubacyaha kubera kutizera kwabo igihe wabonekaga winjiye mu nkuta, maze Ubabwira ko bagomba kukwizera... no kwinangira kw'imitima yabo. Kandi mbega ukuntu aba bigishwa bishimye kubera ko wimenyekanishije. Kubera ko Wakoze ibintu mu buryo bumwe Wabikoze mbere yo kubambwa Kwawe; bamenya ko yari Wowe, uko Wari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka.

O Mana, ndakwinginze, uyu munsi Wongere ubikore. Uze hagati muri twe. Kandi Wasezeranye ibi bintu mu minsi yanyuma, noneho reka imitima yacu ye kunangirwa kubera… kubera izi za tewolojiya zigezweho n'ibintu byo muri iy'isi ngo bitume tunanirwa kukubona. Ufungure amaso yo gusobanukirwa kwacu, kubera ko tubisabye mu Izina rya Yesu. Amena. Mwicare.

13 Noneho, niringiye kugaragara Kwe… guhamiriza umuzuko iki cyumweru… Aka gato twabonye, mushobora kuri iki gihe n'uru rwego, kuba ariyo nshuro yawe ya mbere, ukaba wabishidikanyaho gato, kubera ko ikintu cyonyine uri kubona ni agace gato. Ariko nta na rimwe byigeze byibeshya mu nshuro ibihumbi gukuba ibihumbi. Ntabwo byigeze byibeshya. Ni bangahe hano bahamya ibyo? Muzamure ibiganza byanyu. Byabaye... Nta narimwe. Igihugu waba uturukamo, ahantu ahari hose. Ntabwo byigeze bivuga ko hari ikintu kizaba, ngo kibure kuba. Nta kintu kibaho gishobora gutungana gutyo uretse Imana yonyine. Murabona? Ibyo ni ukuri neza neza.

Ariko birumvikana bigomba kuguma biri mu mwijima. Bigomba kuba muri ubwo buryo. Uko niko yabikoze mu gihe Cye, n'ibindi. Habe n'ivuka Rye n'ibindi bindi byasaga n'igicucu. Imana ikora nk'ibyo kugira ngo igerageze kwizera k'ubwoko Bwayo.

14 Noneho uyu mugoroba ndatekereza ko nta kindi byaba biricyo uretse kuba ari ukuri, kandi nyuma yo kugaragara Kwe imbere yacu no kwinjira mu nyubako maze Akarondora ibitekerezo by'umutima… Kandi nakoresheje ibyanditswe bitatu cyangwa bine bito hamwe namwe, aribyo Imana izi ko Ibyanditswe byose bihuriza hamwe. Nta na hamwe muri byo harimo ikosa, nta na kimwe kivuguruza ikindi.

Noneho, abantu bavuga ko ari uko bimeze. Natanze umushahara wanjye w'ukwezi ku muntu uzanyereka aho Ijambo ryivuguruza Ubwaryo. Ntabwo rijya ryivuguruza Ubwaryo. Niba ari uko rimeze, nta cyiza byamarira. Bigomba kuba ari ukuri.

Noneho, hari ikintu Imana izakoresha icira isi urubanza. Iramutse iciriye isi urubanza ikoresheje itorero, nonese ubwo ryaba ari irihe torero? Kubera ko rimwe rinyuranye n'irindi. Ariko Izaca urubanza ikoresheje Yesu Kristo. Bibiliya niko ivuga, kandi Kristo ni Ijambo. "Mbere na mbere hariho Ijambo, kandi Ijambo ryari kumwe n'Imana." Yayiciriye urubanza mu minsi ya Nowa, kandi Iyicira urubanza mu minsi ya Mose, kandi Iyicira urubanza buri gihe, mu minsi Ye, ndetse no kugera kuri uyu munsi, binyuze muri iryo Jambo rimwe ry'isezerano ryo muri icyo gisekuru. Dukwiriye kubyizera cyangwa kutabyizera. Ariko ni inshingano Zayo kugira Ijambo Ryayo ukuri.

15 Murazi, muri Matayo 12 aho, haravuga ngo… nubwo yakoze ibintu byinshi, nyamara abantu ntibashoboraga kwizera. Kubera ko Yesu avuga ko bari bafite imitima, idashobora gusobanukirwa; amaso, adashobora kubona; amatwi, adashobora kumva. Byagombaga gusohozwa. Kandi uko niko ibi bigomba gusohora, "abatumva, abishyira hejuru, abakunda ibibanezeza kuruta uko bakunda Imana, ababeshyerana, abatanyurwa, n'abanga ibyiza, bafite ishusho yo kwera kandi bagahakana imbaraga zako," imbaraga z'Imana iyo bafitiye ishusho.

Mbega ikintu giteye agahinda. Byagenda bite iyo biba ari wowe? Tekereza ku mugabo cyangwa umugore udashobora kwizera ibyo. Iyo aba ari wowe? Bitekerezeho. Ni ibintu biteye agahinda, ntabwo ari ibyo gusekwa, ahubwo ni ibyo gutera agahinda. Ibyo ni ukuri neza neza.

16 Mwitegereze noneho. Uyu munsi ngiye kubyita uko twagakwiye kubyita… mu gihe cy'iminota mike mbere y'uko dusengera abarwayi, kandi turibugerageze kuba dusohotse hano mu minota mirongwine ikurikiyeho, niba bishoboka, ariko ndashaka kugira ngo mbanze mfate urubanza ruto. Kandi noneho, ikibazo n'iki, uyu munsi iyi nteko y'urukiko... Noneho, niba mushobora kubyumva neza, kandi mukagumisha mu bitekerezo byanyu icyo ndimo kugerageza kuvuga, ntabwo biri butinde. Ikibazo n'Ijambo ry'Imana ry'isezerano rihanganye n'isi.

Noneho, urubanza ntirushobora kubaho hatariho impamvu yarwo. Ugomba kugaragaza ikibazo. Kandi

icyo kibazo kizanywe hano muri uru rukiko iyi nyuma ya saa sita… Kandi ndashaka ko mwe, buri wese muri mwe, ndabasaba kumva uru rubanza. Noneho, ikirego ni Ijambo ry'Imana ry'isezerano rihanganye n'isi. Ikirego, n'impamvu y'uru urubanza, niicyuho mu masezerano.

Ese mushobora kunyumva neza? Muzamure ibiganza byanyu niba mwe… Ahantu hose noneho, mushobora kumva? Ikirego n'icyuho kiri mu isezerano. Imana yatanze isezerano Irangije ntiyarishyigikira. Ijambo ry'Imana ryatanze isezerano, noneho Yo kubwo kuba… Yo kubwo kuba yazanywe mu rubanza; icyuho kiri mu isezerano.

17 Noneho, umushinjacyaha igihe cyose aba ahagarariye leta, niba nsobanukiwe neza iby'urukiko. Noneho umushinjacyaha muri ibi ahagarariye isi, kandi umushinja cyaha ni Satani. Ahagarariye isi kubera ko isi yarayihawe. Kandi ahagarariye isi, kandi we niwe ubaburanira.

Uregwa muri uru rubanza n'Imana ishobora byose, Uregwa. Kandi noneho, uregwa igihe cyose aba afite umuburanira, kandi uwunganira muri urubanza ni Umwuka Wera. Kandi noneho, tugiye…

Noneho Umushinjacyaha afite abatangabuhamya bamwe muri urubanza; ngiye kubavuga amazina. Kandi umwe muri bo ni Umugabo Mutizera. Ukurikiyeho ni Umugabo Mushidikanyi, ukurikiyeho ni Umugabo Mutihangana. Aba nibo barimo kugerageza kuzana urubanza ku Mana. Noneho, dufite abo bakenewe bose bahamagawe ubu, kandi turi mu rukiko noneho tugiye gutangiza imirimo y'urukiko. Niko biri. Abakuru... abakuru ni...

18 Urukiko rurahamagawe… cyangwa rurateranye, kandi umushinjacyaha agiye guhamagara umutangabuhamya we wambere kugira ngo atange ubuhamya. Kandi umutangabuhamya wambere uhamagawe ni Umugabo Mutizera, kandi icyo ashinja ni uko Ijambo ry'Imana ry'isezerano ryose ko atari ukuri. Icyo nicyo we arega, uwo ni umutangabuhamya wa mbere. Ahamya ko ari umwizera, nubwo atari we, ariko ahamya ko ari we. Kandi ahamya ko yajyaga aza hano mu gihe gishize, muri izi ngirwa materaniro y'Umwuka Wera aho abantu barambikaga ibiganza ku bandi, kandi bakerekana Ibyanditswe bibaha uburenganzira bwo kubikora gutyo, bagasoma aho muri Mariko 16, aho nasomye. “Bazarambika ibiganza ku barwayi kandi bazakira.”

Umugabo Mutizera arahamya, kandi avuga ibi ati, “Narambitsweho ibyo biganza, ibyo by'uwo witwa umubwiriza wuzuye Umwuka Wera andambikaho ibiganza, bikurikije Mariko 16, isezerano Imana yatanze. Kandi uyu mugabo aravuga ngo yari umwizera, ndetse benshi bemeza ko bakize indwara. Maze andambikaho ibiganza, kandi ibyo byabaye nko mu mezi abiri ashize kandi nta kintu cyabaye. Kubw'ibyo iri sezerano ntabwo ari ukuri.” Uko niko biri. Dusabe Umugabo mutizera kumanuka.

19 Umushinjacyaha, Satani, ahamagara umutangabuhamya ukurikiyeho. Umutangabuhamya ukurikiyeho arahaguruka uwo ni Umugabo Mushidikanyi. Noneho, arahamya. Aravuga ati, “Nagiye mu rusengero. Nari ndwaye, maze njya ku rusengero aho ntekereza ko bari bafite pasteri wubaha Imana muri ibyo yari afite kwizera mu Ijambo ry'Imana. Kandi yari afite... umukondo muto w'amavuta aho... aho ku meza ye, kandi abantu be bose bazaga aho abo bashakaga gusengerwa, akabasiga amavuta, akabasomera isezerano aho mu Ijambo ry'Imana muri Yakobo 5:14. Agasoma Ijambo maze akavuga ati, 'Niba hari urwaye hagati muri mwe, reka bahamagare abakuru b'itorero. Maze bamusige amavuta, kandi bamusengere, kandi isengesho ryo kwizera rizakiza umurwayi, kandi Imana izamuhagurutsa. Kandi niba Barakoze icyaha bazaba bakibabariwe.'”

Maze noneho, aravuga ati, “Nabonye uyu mupasteri, uwo nari narumvishe ubuhamya bwe biturutse ku bandi, ansiga amavuta, ansomera Ibyanditswe aho mu isezerano ry'Imana. Kandi ibyo byabaye nko mu kwezi gushize, none ndacyarwaye nkuko nari ndwaye igihe yansigaga amavuta. Kubw'ibyo...” Icyo nicyo arimo ashinja. Reka Umugabo Mushidikanyi yururuke.

20 Noneho umushinjacyaha, Satani, ahamagara umutangabuhamya ukurikiyeho. Umutangabuhamya we ukurikiyeho ni Mutihangana. Uyu ni umubeshyi. Murabona? Mumbabarire iyo mvugo. Murabona? Agutera… agutera kumva uguwe nabi kugeza ubwo utamenya ibyo urimo gukora. Murabona? Umugabo Mutihangana, Ahamya ko we... Umunsi umwe mu gihe yarimo asoma Bibiliya... Aba bose bahamya ko ari abizera noneho... Kandi we... ahamya ko yarimo asoma Bibiliya maze aza kugera ahantu abona icyanditswe muri Mariko 11:22 na 23, aho Yesu Ubwe yatanze isezerano ati, “Nuramuka ubwiye uyu musozi ngo, 'Shinguka aho.' kandi ntushidikanye mutima wawe, ariko ukizera ko ibyo wavuze bigomba kubaho, ugomba kubona icyo wavuze.” Kandi arongera Aravuga ati, “nibawowe, igihe usenze ujye wizera ko wakiriye icyo wasabye...”

Noneho aravuga ati, “Naremaye ibirenge, ndacumbagira ibirenge hashize imyaka nka mirongwitatu. Kandi nemeye iryo sezerano nko mu myaka itanu ishize kandi nta kintu cyigeze kiba guhera icyo gihe. Ndacyaremaye nkuko nahoze.” Noneho, noneho… arasoje; aramanuka.

21 Noneho, umushinjacyaha aragomba gushyigikira ibyo. Umushinjacyaha ari we Satani, abwira rubanda (Murabona?), “Aba bantu bahamya ko ari abizera, kandi Imana ntabwo ifite ubusobanuro bwo kuba

yarashyize amasezerano adafatika mu Ijambo Ryayo mu gihe Idashobora kuyashyikira." Murabona, arimo ararega Imana. "Yashyize aya masezerano mu Ijambo Ryayo kubw'abana bayo bizera. Kandi abana bayo bizera bazamutse hano maze bahamya ko bemeye ibyo bivugwa ibyo yashyize mu Ijambo Ryayo ikemeza ko ari ukuri, kandi ntabwo bigeze babona ikivamo habe na gato." Kubw'ibyo, arimo ararega Imana, agerageza kuyizanaho urubanza, kubwo kuvuga ko Imana yashyize ibintu mu Ijambo Ryayo kubw'abana Bayo bizeye, kandi Ntihagarare inyuma y'icyo Yasezeranye.

22 Kandi nabwo ahamya ko… atari ibintu bikwiriye kuri Yo kuba yatanga isezerano nk'iryo ku bantu, ku bana bayo bizera, kandi Ikaba idashobora gusohoza ibyo Yavuze ko Izakora. Noneho, umushinjacyaha arimo kwerekana ikibazo gikomeye hano ashinja uregwa. "Yo ntabwo ishobora kubisohoza, kubera ko twabonye abatangabuhamya hano ko Idashobora guhagarara inyuma y'Ijambo Yasezeranye." Nyamara, Umushinjacyaha aravuga, ariwe Satani ati, "Nyamara Imana yasezeranye ko ibintu byose bishoboka ku bizera. Imana yavuze ibyo mu Ijambo Ryayo."

Umushinjacyaha.. Arimo kwanzura ku kirego cye noneho. Murabona? Atekereza ko yabirangije kubera ko abatangabuhamya batanze ubuhamya, kandi batanze n'Ibyanditswe ndetse basubije Ibyanditswe neza, na buri kintu mu buryo bo… babikoze. Kandi umushinjacyaha yanzuye yongeraho akantu gato ko Imana yasezeranye ko ibintu byose bishoboka kuri abo bizeye.

23 Nyamara, arongera, umushinjacyaha aravuga, satani, maze aravuga ati, "Imana yasezeranye ko ari nzima nyuma yo kuba yarabambwe. Amasezerano… nyamara Yasezeranye ko Yo ari nzima. Kandi Yanasezeranye mu Byanditswe Byayo, Abaheburayo 13:8, ko Yo ikiri uko yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka. None Ntishobora gushyigikira cyangwa gukomera kucyo Yasezeranye." Arimo arabitsindagira mu rwego rw'aho ntaburyo ushobora kubisohokamo . "Ntabwo Ishoboye kubikora." Imana ntabwo Ishobora kurinda Ijambo Ryayo, mu yandi magambo. "Ahamya ko Yazutse mu bapfuye. Yabihamije muri Yohana 14:12 ko 'Uwo wizera muri Njye, imirimo nkora nawe azayikora.' Ntabwo yigeze abasha gushyigikira ibyo."

24 "Yanavuze no mu Byanditswe ati, 'Hasigaye gato isi ntiyongere kumbona. Nyamara mwe muzambona, kubera ko ndiho, namwe muzabaho.'" Mwitegereze, nanone, Arabihamya muri Mariko, ibice 17, avuga kubijyanye n'iminsi ya Sodomu, iyo turimo kubamo kuri ubu, nkuko byari bimeze mu minsi ya Sodomu, aho imigendekere y'ibintu izaba iri mu mimerere imwe. Kandi niba Imana izamanuka, kubwo kuba Ijambo rigaragajwe mu mubiri ku isi, kandi aho izashobora gukora ibyo bintu bimwe ibyo... ibyo... ibyo Imana yakoze, aribyo byari umuntu mu ishusho y'umuntu, ariwe wiswe na Abraham ati, "Elohim." Kandi Yesu yaravuze ati, igihe Umwana w'umuntu azahishurwa mu minsi yanyuma aho Azihishura Ubwe mu buryo bumwe nkubwo bwabayeho mu minsi ya Loti, arimo yigaragaza.

"Yanasezeranye kandi ko Azaba hamwe na twe, yewe no muri twe, kugeze ku irangira, cyangwa ku iherezo ry'isi. Kandi Yanahamije ko byombi ijuru n'isi bizashiraho, ariko Ijambo Ryayo ritazashiraho na gato."

25 Noneho, ndatakereza ko umushinjacyaha atekereza ko ikirego cye acyanzuye neza kuburyo bushoboka. Yabonye abatangabuhamya bo guhamya ko iri Jambo atari ukuri. Noneho, mwe muri icyarimwe umucamanza n'inteko y'abanyarukiko kuri aya manywa. Mwe… ibitekerezo byanyu ni inteko y'abanyarukiko, kandi ibikorwa byanyu ni umucamanza. Mwe... icyo aricyo cyose inteko yanyu iza gutora, uraza gukora nkuko umwanzuro w'abanyarukiko bawe uri. Murabona? Uragomba gukora ibyo, kubera ko ibikorwa byawe bivuga cyane kuruta amagambo yawe. Murabona? Uko ni ukuri. Ushobora kuvuga ikintu, ariko uramutse atari cyo ushaka kuvuga ntabwo wagishyira mu bikorwa. Murabona? Ibikorwa byawe bizavuga cyane kuruta amagambo yawe. Mwitegereze.

Noneho, Reka umushinjacyaha amanuke. Yamaze gutanga… yazanye abatangabuhamya be kandi bavuze. Umushinjacyaha yashyize Ijambo hanze hano kandi aryanzura uko ashatse, kubera ko atekereza ko ikirego cye yacyanzuye mu buryo bwuzuye noneho. Noneho reka umushinjacyaha n'abatangabuhamya be bamanuke bave imbere.

26 Noneho, tugiye guhamagara Uwunganira uregwa, Umwuka Wera. Murabizi iyo hari uregwa, hagomba no kuba umwunganizi. Noneho tugiye guhamagara Umwunganizi kugira ngo aze asobanure Uregwa, Umwuka Wera. Ikintu cya mbere Umwuka Wera avuze igihe amaze guhaguruka ni iki... Arashaka kwibutsa iby'umushinjacyaha, ko uwo ugerageza kuzana ikirego, uwo mushinjacyaha ari we wasobanuriye nabi abantu Ijambo, kimwe n'uko yabikoze ku bantu ba mbere, Eva, mu ngobyi ya Edeni. Yasobanuriye abantu nabi Ijambo, kandi Umwuka Wera umwunganizi, abibukije ibi.

27 Mwitegereze. Yavuze ibyo… umushinjacyaha yavuze ko aya masezerano ari ay'abizera, kandi abo bizera nibo bantu bonyine iri sezerano ryagenewe, atari kubatizera n'abashidikanya. Uwunganira uregwa ahamya ko Imana yavuze mu buryo bweruye ko byari iby'abizera, kandi yibutsa ibyo buri wese utanga ubuhamya agerageza gushinja Ijambo, yitwaje ko abandi bahamya ko bakize indwara. Murabona? Bityo ibyo bihita bimuvana mu murongo ako kanya. Murabona? Ariko reka twinjire mu rubanza akanya gato.

Kandi Umwunganizi ashobora kumenya niba ari abizera cyangwa ataribo, kubera ko We ni We

ubeshaho Ijambo ry'Imana. Azi neza ko bizera cyangwa ko batizera. Ese mwe si uko mubitekereza? Agomba kubimenya. Arabizi ko ari abizera cyangwa ko ataribo, kubera ko ni We Wenyine ushobora gushyira ubuzima mu Ijambo. Hano hashobora kuba hari umubiri wanjye uhagaze hano. Udafite umwuka, aho naba mfuye. Ariko ni ubuzima bwanjye gusa bushobora gutuma uyu mubiri ugenda. Kandi ni Umwuka Wera wenyine ushobora kubeshaho Ijambo. Ni We wenyine ushobora kurishyira mu bikorwa. Noneho Agomba kuba azi ko baba ari abizera cyangwa atari bo. Kandi ku binyuranye n'ubuhamya bwabo aho bavuga ko abandi bahamya ko bakize indwara, n'abandi bagahamya ko babonye ibi bintu, ariko bo bakaba ntabyo bigeze babona. Noneho, ndabona ko abatangabuhamya be bamaze gucirwaho iteka.

28 Ariko noneho, Abeshaho Ijambo. Kandi indi nshuro Ashaka kugaragaza ikintu ku ijambo ry'umushinjacyaha, cyangwa uwo urimo gushinja. Yo ntabwo yigeze igena igihe cyo gukirira indwara. Yaravuze iti, "Isengesho ryo kwizera rizakiza umurwayi. Imana izamuhagurutsa." Iravuga iti, "Bazarambika ibiganza ku barwayi," kandi ntiyigeze Ivuga ko baziterera hejuru ako kanya maze bagahita bakira. Yaravuze iti, "Bazakira, niba bizeye." Murabona. Gusobanura nabi Ijambo... Murabona?

Ndatekereza ko dufite umwunganizi mwiza. Noneho, aho… Akwiriye kumenya niba bizera cyangwa batizera; Yashobora kuvuga ibyo. Kandi We… We nyakuri akosora Ibyanditswe hano, kubera ko Umwunganizi igihe cyose akora ibyo. Mu mvugo ya Bibiliya, Ijambo igihe cyose ririkosora Ubwaryo. Kandi tubona ko Yavuze ko Satani yasubiyemo nabi Ijambo kuri uriya mutizera, kandi umutizera ntiyigeze amenya itandukaniro. Ariko uwizera yamenye neza neza icyo rivuga maze yikomeza kuri icyo. Murabona, murabona? Icyo nicyo cyari gihamya cyabo... Ntabwo bashoboraga kubibonera igihamya, ariko barabihamije ubwabo, kandi niko bari bari...

29 Nkuko duhamya ko twakijijwe. Baravuga bati, "Rero, nyereka ukuntu wakijijwe." Ubuzima bwanjye ni igihamya cy'uko nakijijwe. Uburyo nkora buhamya ko nakijijwe cyangwa ko ntakijijwe. Uburyo bwose nagerageza kubihamya, nko mugihe cy'umwaka uzamenya uburyo mbaho, naba nkijijwe cyangwa ntakijijwe. Ni uburyo bumwe no gukira indwara. Uramutse ubyemeye kandi ukabyizera, uzakora nkabyo. Hazabaho mwene uko guhinduka, nta kintu kibaho gishobora kubikura mu bitekerezo byawe, kimwe na gakiza kawe. Ni Ijambo ry'Imana. Ugomba kuryemera binyuze muri izo nzira zimwe. Kubwo kwizera mwarakijijwe.

Yesu yabwiye umugore wakoze ku ikanzu Ye, Aravuga ati, "Kwizera kwawe kuragukijije." Noneho, ntabwo ndi umuntu wize amashuri menshi, ariko narebyemo amagambo make. Noneho, ririya jambo aho rituruka ku ijambo ry'Ikigereki, "sozo," aribyo bisobanura "gukizwa...kimwe no gukizwa mu buryo bw'umubiri, cyangwa gukizwa mu buryo bw'umwuka." Mwarakijijwe, sozo. Yamukijije kujya mu mva bije mbere y'igihe, kimwe neza n'uko Yagukijije kujya ikuzimu. Sozo, iryo jambo rimwe ry'Ikigereki rirakoreshwa. Mwitegereze, "Kwizera kwawe gufite (sozo) kwagukijije uburwayi wari ufite." Mwitegereze, iryo jambo rimwe igihe cyose.

30 Indi nshuro, yongera kwibutsa noneho, ko umushinjacyaha yasobanuye nabi Ijambo. Kandi Imana ntabwo yigeze ivuga ko bazahita bitera hejuru akokanya bakimara kubarambikaho ibiganza. Ariko Yaravuze ngo abizera bazakira, niko biri, niba yizeye. Ni iby'abizera gusa.

Kandi nanone, Umwunganizi ashaka kwibutsa urukiko iyi nyuma ya saa sita ko Imana yavuze ko Ijambo Ryayo ari Imbuto. Ijambo ni Imbuto umubibyi yabibye. Iyo iyi Mbuto iguye mu butaka bwiza, ubwo bufite ifumbire muri bwo yo gutuma iyi mbuto irabya ubuzima, ibaho, igakura.

31 Noneho, ighe umuntu ateye imbuto… niba uri umuhinzi, cyangwa ikindi kijyanjye no gutera imbuto, uramutse uteye imbuto uyu munsi… Ibinyampeke bimwe, tuvuge, ubishyize mu karima kawe, kandi mu gitondo ugasohoka maze ugacukura nuko ukabireba maze ukavuga uti, "Rero, ndabona nta mpinduka kuri cyo." Ukongera ukagitera, kandi umunsi ukurikiyeho ukagaruka, ukakireba, maze ukavuga uti, "Nta tandukaniro rihari kuri cyo." Ntabwo kizigera kimera. Ntabwo gishobora kumera. Ntibishoboka. Igihe uzagicukura, ubwo uba wishe gahunda yose aho. Ukwiriye kukirekera mu butaka. Noneho nyuma bireba isi gukora umurimo usigaye kuri cyo. Kandi buri gihe uko uzareba ku bimenyetso byawe, ukabyemeza, ukabyivovotera, Imana ntishobora kugukiza. Uzabyegurire Imana maze wizera Ijambo Ryayo.

Nyakuri ni ibitangaza. Yarabya, cyangwa… ikindi cyose yakora, ntabwo ubyitaho. Imana yarabisezeranye, kandi igice kinini ubona gukira kwawe igihe ubyemeye. Biri mu buryo bw'imbuto. [Mwene Data Branham akubita ku meza—Ed.]

32 Nyamara ndamutse mbasabye igiti cy'icunga mukampa ironji, ku gice runaka mba mfite icyo giti. Kandi ndamutse mbasabye umuba w'ibigori mukampa impeke y'ikigori mu kigero runaka mba mfite umuba w'ibigori. Noneho mbyegurira ubutaka, kandi nkabivomerera, kandi nkarinda ko urwiri ruri hafi rushobora gukurura imbaraga mu butaka buri hafi y'aho, noneho izahita ikura ako kanya, kubera ko nayirekuye kandi imbuto ifite akaremangingo k'ubuzima muriyo. Noneho, niba imbuto idafite ako karemangingo k'ubuzima, ntabwo izazana ubuzima. Ariko niba imbuto ifite muriyo ako karemangingo k'ubuzima muri yo, nta kintu kiriho cyayibuza gukura.

33 Umuntu umwe yaravuze ati, "Ni iki utekereza ku muzuko?" Uzasohoke hariya hanze mu gihe cy'ubukonje bukomeye, aho kuri iryo tafari rimwe riri munsi y'iwawe, kandi cya cyatsi kinanutse cyane kiba cyagiye he umwaka utaha ubwo igihe cyiza kiba kije? Aho iruhande rw'inzira. Murabona, igihe ako kazuba gatangiye kurasa... Kandi isi ikongera gusubira mu murongo imbere y'izuba indi nshuro, noneho aba ari nta buryo buhari bwo kongera kwihisha ukundi. Ubuzima bwishakira inzira. Bushakisha inzira aho munsi y'amabuye n'ibindi, kandi bukaza kugera aho bwari bugiye, maze kikazamura umutwe hanyuma kikaramya Imana ishobora byose. Izuba, s-u-n, rigenzura ibifite ubuzima byose. Kandi Umwana S-o-n agenzura Ubugingo Buhoraho bwose, ku Bwe, kandi We wenyine, Ufite Ubugingo Buhoraho. Ntushobora kurihisha. Ni itegeko ko habaho kuzuka. Ntacyo bivuze aho waba uri, uba urimo kuza uko biri kose. Murabona?

Kandi ugomba gukira uburwayi bwawe niba ubyizeye kandi ukabyemera. Ni imbuto umubibyi yabibye, maze igwa mu murima. Kandi niramuka igarutse… Zimwe zaguye ku rutare, murabizi; ntabwo zigeze zigira imizi. Izindi zigwa mu mahwa no gutenguhwa, maze ibyo biraziniga. Ariko zimwe zaguye aho hatari urwiri, n'amahwa, n'ibitare.

Noneho, biterwa n'icyo wowe… Nuramuka uretse umutizera runaka akaza mu rugo rwawe, cyangwa… cyangwa umuntu runaka utizera akakubwira ati, "Kubera iki, hari… Ibyo bintu, kuko nta bintu… nta bintu nk'ibyo bihari," Murimo gutuma urwiri ruzamo aho ngaho. Ibyo urabirandura. Ukavuga uti, "Imana niko yavuze; ibyo bikemuye ikibazo. Nakize uburwayi, kubera ko mbyizera mu mutima wanjye." Uko kwizera kurambitse aho, kutizera kose kukaba kwatawe kure yabyo, Igomba noneho gukura,. Uko ni ukuri.

34 Noneho, Umwunganizi arashaka guhamagara abatangabuhamya ngo baze imbere. Ese turabasha kubona igihe cyo kubikora? Umwunganizi arashaka guhamagara umutangabuhamya ubu, abahamya Be, nkuko umushinjacyaha nawe yahamagaye abe. Umwunganizi agiye kubanza guhamagara umuhanuzi Nowa. Reka aze atange ubuhamya. "Nowa, ni iki ufite kuvuga ubu uyu mugoroba kuri byo?"

Aravuga ati, "Nari… nabayeho mu gisekuru cy'abanyabwenge bari kure cyane y'abanyabwenge bo muri iki gisekuru. Ntabwo hari harigeze hagwa imvura ku isi. Imana yuhiraga isi ikoresheje… ibimera n'ibindi, ikoresheje utugezi turi munsi y'isi. Ariko umunsi umwe Imana irasanga maze Imbwira ko hagiye kuzamanuka amazi avuye mu ijuru. Ntanga ubutumwa bwanjye. Kandi Imbwira kubaka inkuge. Ndabikora, kandi imbwira ko hagiye kuzamanuka amazi avuye mu ijuru.

35 Nuko Umugabo Mutizera, Umugabo Mushidikanyi, n'abo bantu bose bahagaze aho, barankwena, kandi baranseka kubwo kwizera ibitangaza nk'ibyo, mu gihe byari bihamijwe mu buryo bwa gishakashatsi ko nta mazi ari hejuru hariya."

"Bashoboraga kurasa ku kwezi; bashoboraga kurasa ku nyenyeri; bashoraga gukora ibintu byo muri ubwo bwoko." Bubatse ibintu tudashobora kubaka uyu munsi. "Uko niko bahamije mu buryo bw'ubushakashatsi ko nta mvura yari iraho hejuru."

Ariko Nowa aravuga ati, "Imana yambwiye ko hagiye kuzagwa imvura, kandi nizera ko niba Imana ari uko yavuze, Ishoboye gushyira amazi hariya hejuru. Nuko ibyabo ndabyirengagiza. Umugabo. Umugabo Mutizera aranseka. Umugabo Mushidikanyi abishidikanyaho. Umugabo Mutihangana... Sinabyitayeho kugeza ubwo nubatse inkuge. Buri munsi barazaga hafi aho maze bakavuga bati, 'Rero, ndakeka ko igiye kugwa uyu munsi. Ha, ha, ha.'" Murabona? Mu buryo bumwe, "Natekerezaga ko umeze neza. Natekerezaga ko ugiye guhita ugubwa neza.

36 Ese imvura irihe? Murazi, nyuma y'ibyo byose, umuhanuzi Nowa, nkuko muramutsemuri we, mwavuga ibyo..." Noneho mwibuke, bo si uko byari biri... Ibyo... Abo ni abigira nk'abizera. Oya, Umugabo Mutizera n'Umugabo Mushidikanyi, n'abo bandi. Bahamya ko ari abizera.

"Rero, muhanuzi Nowa, igihe cyose twari tuziko uri umuhanuzi w'ibinyoma, kubera ko ufite ibitekerezo by'ubusazi ibyo bidahuza n'ubushakashatsi. Ntabwo bihuza n'ibigezweho byacu. Murabona, wowe... wowe ntabwo uhuza n'abapasiteri bacu. Ibyo... Hari ikintu kitagenda. Tuzi utari umuhanuzi nyakuri, ariko wavuze ko hagiye kuzagwa imvura. Ibyo byari mu kwezi gushize. Na nubu nta mvura."

Imyaka ibiri irashize. "eh, eh, muhanuzi. Nari nziko wavuze ko ari uko Imana yavuze."

"Niko Yavuze."

"Rero, imyaka ibiri irashize." Imyaka itanu, imyaka makubyabiri, imyaka mirongwitanu… Inkuge iruzuye, Nowa yicara ku muryango. Hano haza Umugabo Muneguranyi, Umugabo Mutizera, Umugabo Mushidikanyi, Umugabo Mutihangana. "Rero, noneho imvura irihe?"

""Imana yavuze ko igiye kuzagwa. Ntabwo yigeze ivuga ngo ni gihe ki; Yaravuze gusa iti, 'Igiye kugwa. Tujye mu nkuge; muraba mufite umutekano muri yo. Igiye kuzagwa.' Ntabwo yigeze ivuga niba ari ryari izagwa. Yavuze ko hagiye kuzagwa imvura. Kandi nubaka inkuge."

“Rero, kuri njye byasaga nkaho, nuramuka wubatse inkuge, kandi ukaba warakoze uruhare rwawe, Imana nayo izakora uruhare Rwayo. ”

“Izabikora, ariko ntabwo Yigeze ivuga igihe Izabikorera. Yavuze ko igiye kuzabikora. Igiye kuzagwa.”

37 Noneho, tubona ko, yaravuze noneho, “Imyaka yahise, kugeza ku myaka 119, kandi habura gusa iminsi irindwi kugira ngo ibe ijana na makumyabiri. Umugabo Mutizera, Umugabo. Muneguranyi, n'abo bandi, Umugabo Mushidikanyi cyangwa, n'Umugabo Mutihangana, bose baransetse, na buri kintu, maze bavuga ko nasaze kwizera isezerano nk'iryo ritazasohora, kuko niba Imana yaransezeranyije ibyo, Yavuze ikintu kitari ukuri, kandi ntabwo Ishobora kuzashyigikira ibyo Yavuze. Ariko Nizeye Imana maze ndashikama.” Ngaho aho muri. “Ndamwizera. Nguma nkomeye.”

“Kandi murabizi, umunsi umwe barazamutse baranseka, kandi imiryango yari ikinze. Baravuga bati, 'Rero, wa musaza ukundirira yagiyemo hariya maze akinga urugi, niko nibwira.'”

“Ariko narabumvishe, cyokora ndababwira ngo, Imana yakinze umuryango. Nta gushidikanya ko imvura iribugwe uyu munsi. Ibyo ni uko biri bugende. Umunsi wambere uratambuka; nta mvura. Hanyuma barankoba nyakuri. 'Kubwo kubabwira ko ari Imana yafunze umuryango. Ntabwo nizera ibintu nka biriya. Nowa akinga umuryango ubwe, we n'abana be.'” Murabona, abaneguranyi, abatizera, abashidikanya...

38 Niko biri. Yagenze aho akanya gato. Ariko ku itariki 17 z'ukwa gatanu, igitondo kimwe, imvura iragwa, kandi yo… isenya burundu abo bantu bose abo bari bashyizwe mu kigeragezo cyo kurwanya Ijambo ry'Imana, kandi igakiza abo bizeye Imana kandi bagakora imyiteguro y'iyo.

Nowa aravuga ati, “Reka nyihamirize.” Oya, Nowa. Ururuka. Reka duhamagare undi mutangabuhamya. Ntabwo twabonye umwanya kuri iyi nyuma ya saa sita. Reka twemerere… Uwunganira noneho guhamagara umutangabuhamya wa kabiri. Ahamagara Abraham.

Abraham aravuga ati, “Nari umuntu usanzwe, umwizera. Kandi Imana ivugana nanjye binyuze mu Ijambo Ryayo, maze iravuga umunsi umwe ko nzagira umwna binyuze muri Sara. Sara yari afite imyaka mirongwitandatu n'itanu kandi narimfite mirongwirindwi n'itanu. Nashatse igihe nari mfite imyaka nka cumi n'itandatu; yari mushiki wanjye kwa data wacu. Kandi yari ingumba nanjye nari... Yari yarazibwe inda ibyara nanjye ndi ngumba. Noneho nta buryo bwari buhari kuri twe bwo kuba twabona umwana. Noneho nuko turakomeza imyaka. Ariko Imana yarabisezeranye, kandi turamanuka maze tugura ibyo byose, n'udukwasi n'ibindi... twitegura uwo mwana, kandi tugura n'utwo dukweto duto dufunze.”

“Kandi Sara… Kandi ukwezi kwa mbere gushize. Ndavuga nti, 'Sara...' Kandi muribuka, yari amaze imyaka makumyabiri arenze gucura. Murabona? Maze aravuga ati, 'Noneho, Sara ese haba hari impinduka iyi… iyi minsi makumyabiri n'umunani ishize?'” “'Oya, oya nta mpinduka.' Rero, ndabizi ko tugiyekuzagira umwana uko biri kose. Maze turakomeza, umwaka nyuma y'undi, kandi dukomeza kwizera Imana.”

39 “Umugabo Mutizera, Umugabo Mushidikanyi, n'Umugabo Mutihangana bagerageje ibyo bashoboye byose kugira ngo babone inzira. Bagerageza kumbwira ko nari mu makosa.bati 'Kubera ko, Abraham uri umworozi wateye imbere. Wari umuntu mwiza. Buri muntu wese atekereza kuri wowe. Ariko wagiye noneho kure cyane ku iherezo. Urimo kwizera ikintu kidashobora kuba ukuri. Ni ibintu bitari iby'ubushakashatsi ku muntu ushaje nka we n'umugore ushaje nka Sara kuba wagira umwana.”

“Ariko nizera ko Imana uko biri kose. Hari hashize imyaka makumyabiri n'itanu nyuma. Ntabwo yigeze imbwira igihe nari ngiye kuzabonera uwo mwana, ariko Yavuze ko nzamugira. Kandi nizera Imana, kandi mfata ikintu cyose kinyuranye nabyo nkaho kitariho.”

40 Ntabwo yigeze asitara ku isezerano ry'Imana binyuze mu kutizera. Atitaye ku buryo abaneguranyi bose bashoboraga kuvuga bati, “Si wowe. Ntushobora kuba. Ntibishoboka. Wataye umutwe. Warasaze.” Yavuze ko yakomeje kugira imbaraga n'imbagara igihe cyose. Icyo nicyo kwizera k'umwimerere gukora; ntacyo kuzi kubijyanye no gushidikanya. Ariko niba utazi ibyo, uzahita ubivamo vuba vuba. Nuko, rero, Abraham, njye... ndatekereza ko mushobora kuba abahamya beza cyane.

“Ijambo ntabwo rivuga igihe nari ngiye kuzagirira uwo mwana… ukwezi kwa mbere… ariko ryavuze ko tuzagira umwana.”

41 Niko biri, reka duhamagare undi mutangabuhamya vuba vuba; Yesaya umuhanuzi. Reka tumubaze ikintu. “Gute,” aravuga ati, “Umwami yavuganye nanjye umunsi umwe mu buhanuzi. Nari… umuhanuzi. Buri muntu yari aziko ibyo navugaga Uwiteka abyubaha, kandi bose baranyizeraga ko ndi umuhanuzi. Kandi umunsi umwe haza ikintu gisa n'ikidashoboka, maze ndavuga nti, 'Umwari azasama inda.' Rero, noneho, ibyo byari ibintu bidasanzwe.” Kandi ni mu buryo budasanzwe no mu bintu bidasanzwe niho Imana ikorera. Murabona? Ni ibintu bidasanzwe, kimwe na Yozefu. We... yashakaga kwizera Mariya, ariko byari ibintu bidasanzwe (Murabona?), ibintu bidasanzwe.

Nuko aravuga ati, “Igihe ntanze ubwo buhanuzi, buri muntu yaranyizeye. Nuko buri mukobwa wese

ukiri muto yariteguye, uwo wese wari utarashakwa, yariteguye kuzasama umwana akiri umwari. Umunsi nyuma y'undi, umwaka nyuma y'undi, biratambuka. Maze noneho batangira kwizera ko ndi umuhanuzi w'ikinyoma. Ariko narinziko ari ya Mana imwe iyo igihe cyose yatanze aya masezerano, nuko nagumanye nayo.” Kandi hari nko mu gihe cy'imyaka maganinani nyuma mbere y'uko umwana aza, ariko umwari arasama. Ijambo Ryayo rirasohora.

42 Vuba vuba reka duhamagare undi mutangabuhamya. Reka duhamagare Mose. “Mose, yari yaravutse…” Abahanuzi bose baba baramenywe mbere; ibyo turabizi; impano n'imihamagaro ntabwo byicuzwa.

“Yeremiya,” iyo… Imana yaravuze iti, “mbere y'uko usamwa munda ya nyoko, narakumenye, kandi ndakweza kandi ngusigira kuba umuhanuzi uhanurira amahanga.” Yesu Kristo yari ya mbuto y'umugore yaturutse mu ngombyi ya Edeni, Yohana Umubatiza, imyaka maganarindwi na cumi n'ibiri mbere y'uko avuka, Yesaya yaramubonye maze aravuga ati, “We ni ijwi ry'urangururira mu butayu. Mutegure inzira z'Uwiteka.” Murabona, impano n'imihamagaro ntabwo ari ukurambikanaho ibiganza umwe ku wundi; ni icyo Imana ikora. Yahereye mu ivuka (Murabona?), izo mpano ziba ziri muri wowe igihe uvutse.

43 Mwitegereze. Mose, yavutse ari umuhanuzi, kandi hano yari aho hanze mu butayu nyuma y'imyaka mirongwine nyuma yo kurangiza amashuri ye nibwo yamanutse ava muri Egiputa. Kandi nyamara, Imana yaramubonekeye, kandi ivugana nawe mu kimenyetso n'ijwi, Inkingi y'Umuriro, kandi ijwi ryari Ibyanditswe by'ukuri, maze avuga ibi ati, “Ndi kumwe nawe, Mose. Uzaba akanwa Kanjye.”

Kandi Mose aravuga ati, “Mfite icyo mburana. Njye… ntabwo natekerezaga ko umunwa wanjye ukwiriye. Njye… ndandedemanga gato. Njye… njye imbwirwaruhame yanjye ntabwo ari nziza.”

“Kandi Imana yarambwiye iti, 'Ninde waremye umunwa w'umuntu? Kandi niba udashobora kwizera ibyo, nzi Aroni ashobora kuvuga neza, umuvandimwe wawe. Uzaba imana kandi reka we abe umuhanuzi wawe. Reka akore, kandi wowe ujye uvuga Ijambo. Kandi nzabana na kanwa kawe maze uvuge Ijambo.'”

“Noneho, uwo wari umuteguro mwiza. Nuko mvaho ndagenda. Buri muntu wese aranseka kubera ko nari, icyo gihe nari mfite imyaka mirongwinani. Nari mfite ubwanwa bw'umweru bunagana aho hose hasi nka gutya. Kandi nari mfite umugore wicaye aho ku nyumbu, kandi uwo Gershomu muto ari iruhande rwe. Kandi narimanutse aho hepfo muri Egiputa, kandi amaso yanjye yari yerekeye mu ijuru, kandi iyi nkoni ishaje yari igoramanze mu binganza byanjye, narimanutse ngiye guhindura; igitero cy'umuntu umwe.” Kandi ibintu uko byari biri, yarabikoze. Uko ni ko biri. Yarabikoze hamwe n'iyo nkoni igoramanze, aho atashoboraga kubikora n'ingabo. Ariko Imana niko yari yavuze; ibyo byari bikemuye ikibazo.

44 “Noneho igihe nari nje bwa mbere imbere ya padiri wera Farawo (pasteri murabizi) maze nkora ibyo bitangaza by'Imana yambwiye gukora, n'ikimenyetso mu kiganza cyanjye, cyangwa hamwe n'inkoni, murazi Pasteri Farawo aho hepfo, ntabwo yashakaga gukorana nanjye guhera mbere. Ariko igihe byasabye guhata kugira ngo mbone inzira yo kugeraho, murazi yakoze uburyo... agerageza gutuma imirimo y'Uwiteka isa nkaho itagaragara. Aravuga ngo afite abakonikoni abo bashobora gukora nk'ibi bintu. Kandi abo bigana b'umubiri barahagurutse kugira ngo bigane.” Ibyo nibyo neza neza icyo Satani akora muri buri murimo uhagurutse; kwigana by'umubiri, umuntu akabona ikintu gikozwe, kandi umuntu akagerageza kucyigana. “Rero, noneho abo bigana b'umubiri barazamutse maze bahinduramo inkoni inzoka, neza nkuko nabikoze. Pasteri Farawo aravuga ati,

'Mwabonye. Nta kindi biricyo uretse ubukonikoni, ni ibintu byo kujijisha by'abakonikoni.'“ Kandi dufite ibyo bintu bimwe hano mu bushakashatsi , n'ibindi. Twe… neza neza. Dufite amavuriro n'ibindi. Noneho, birumvikana, ibyo ndabyizera. Ibyo ntabwo ari cyo Imana yavuze. Noneho, aravuga ngo mwitegereze, aravuga ati, ”Twe... Agerageza kubikingiriza ku ruhande rwanjye, ariko narindi mu kuri. Nari nziko iryo jwi ryavuganye nanjye ryari Ijambo ry'Imana ryanditse kandi rivuzwe kubw'iki gisekuru. Nuko nahagaze ntanyeganyega, kandi Yarabinyeganyeje abitwara kure yanjye.“ ”Amaherezo yaje kutugeza ku musozi, aho Yambwiye hashize igihe, igihe kirekire, atari kuri uwo munsi, ariko hari hashize igihe nyuma yaho tuza kugera ku musozi aho Yavuze, kubw'ikimenyetso, ko nzagaruka kuri uyu musozi. Ndakomera.“

45 Reka duhamagare undi mutangabuhamya vuba vuba mbere y'uko tuva hano. Reka tuzane Yosuwa hano. Yosuwa aravuga ati, “Mose yafashe buri umwe mu bwoko, muri buri dini, maze atwohereza aho hakurya kujya gutata aho mu gihugu. Kandi igihe tugeze hariya ku mugezi nuko turebye hakurya aho maze tubona abo Bamaraleki, n'Abamori, Abaperezi, n'abandi bose,” aravuga ati, “Bari ibihanda.” Ati, “Bo... Abantu baratatse kubera ubwoba. Bati, 'Rero, ntitwabishobora. Turamutse dushyigikiye amateraniro nkariya, amashyirahamwe yacu yahita adushyira hanze. Twe ntabwo twashobora kubikora. Twe... ntabwo dushobora kubona ibintu nka biriya; ni ibintu bitagaragara. Murabona? Ntidushobora. Kuko, ari ibidashoboka.' Kandi igihe bagarutse... Nyamara bari bafite igihamya; bagarukanye imizabibu yo muri kiriya gihugu...”

46 Kandi ikibazo cyari gihari kwari ukwibaza ni gute umuntu yashobora, cyangwa itorero, cyangwa idini ryigeze risogongera ku bimenyetso ko Ari Muzima kandi nyuma rigahakana igihe Azutse hagati muri twe?

Ni gute mwashobora gukora nk'ibyo, Bapantekote? Mwavuze mu ndimi kandi murazisobanura, nkuko mubihamya... Kandi nyuma, ni gute mwahinduka mugashyira buri sezerano ryose ry'Ijambo ry'Imana mukarishyira hasi kubw'iki gisekuru? Mugatwara igice. Muravuga muti, "Ni igihugu cyiza. Tubifiteho ibitekerezo... "Cyari igihugu cyiza. Cyo... cyarahamijwe ko ari igihugu cyiza. Ariko iryo shami rimwe ry'imizabibu ntabwo ryari ibyo byose. Palestine yose yari yuzuye. "Twizera mu kuvuga mu ndimi, n'ibi bitangaza byose bya kera, n'ibindi, no gusengera abarwayi." Kandi noneho igihe isezerano rizamutse hano kugira ngo ribe ikindi kintu kindi, "Nkuko byari bimeze mu minsi ya Sodomu..."

Malaki 4 nkuko havuga ngo mbere y'umunsi ukomeye igihe isi y'Abanyamahanga izatwikwa, kimwe n'uburyo Sodomu yatwitswe, nuko hanyuma abakiranutsi bakagenda hejuru y'abanyabyaha, "Nzabohereza Eliya, asizwe n'Umwuka, noneho azagarura imitima y'abana ku kwizera kwa ba se." Abagarure, igihe cyose, buri wese mu gihe Yajemo, icyo nicyo byari cyo. Kandi kubera ki mwashidikanya ibyo mu gihe Izanye Kristo, isezerano, abahanuzi, Ijambo, na buri kintu, kandi bikabigaragaza mu buryo butunganye, kandi mukagaruka mukavuga muti, "Oya, ntimwifatanye nariya materaniro. Nuramuka ubikoze nzagusubiza ibipapuro byawe."

47 Iyo biba kubwanjye, bakabaye bambaye impu z'ihene. Izina ryanjye ryanditse mu Gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'intama na buri mwizera wese. Murabona?

Nuko baragaruka, kandi Yosuwa aravuga… Igihe bose… Nshobora gutinda hano igihe kirekire, ariko nzi neza ko muzi icyo ndimo kuvuga. Uko niko Yosuwa yavuze ati, "Naturishije abantu." Ndavuga nti, "Ntabwo nitaye kuburyo bagaragara bakomeye, kuburyo baturwanya, uburyo bigaragara nk'ubufana. Mwibuke, Imana yaravuze igihe twari muri Egiputa, 'Nabahaye iki gihugu. Ndakibahaye. Noneho, mugende mujye muri cyo maze mugikubure, kandi musige inkuta.'" Kandi ndababwiye, "Mwinjire, mufate izo ntebe ziriho imifariso kandi mwicare." Maze ndavuga nti, "Ngiye kubwira abajakazi babategurire uburiri." Ntabwo Ikora muri ubwo buryo

Mwe… Yosuwa yari yabwiwe n'Imana, ati "Aho uzakandagiza ikirenge hose, Iti ndahaguhaye." Intambwe y'ikirenge bivuze kuhafata, kand buri sezerano mu Gitabo ryari iry'abizera, ariko ugomba kuhasiga ikimenyetso cy'ikirenge kuri ryo. Ugomba kurwanira buri gace gato k'inzira. Niba utarigeze ugira intambara muri wowe, noneho va mu mukino.

48 Ninjiyemo hano ntabwo hashize igihe; ndibwira hari muri iyi leta, Georgia Tech, cyangwa ahandi hantu aho haruguru, yari ifite… Ntabwo mbizi. Ndibeshye, bishobora kuba byari mu burasirazuba. Nagiye muri Stade y'umupira w'amaguru. Mbona. Akamenyetso gato, ako igihe cyose gakunda kuzana guhumekerwa. Nabonye ikimenyetso hejuru y'umuryango aho ubwo narimo nsohoka mvuye mu rwambariro. Aho hari ikimenyetso, kivuga kiti, "Ntabwo ari ubunini bw'imbwa iri mu mirwano; ahubwo ni ubunini bw'imirwano buri mu mbwa."

Ibyo nabyo ni ukuri. Ntabwo biterwa na D.D.D.; Ph.D, LL.D., ufite. Ahubwo biterwa na Kristo uri muri wowe. Biterwa n'uko ukwizera kungana muri wowe. Ntibiterwa n'uburyo usobanura ibi, kandi ugasobanura biriya, kandi ukabisobanura muri ubu buryo. Biterwa no kwizera kungana iki ufite mu Mana kugira ngo wizere ko ufite ukuri. Ariko ibyo biterwa na we. Biterwa n'ubwoko bw'amaraso muri wowe. Niba uri urubyaro rw'Abraham uzakora nkuko Abraham yakoze; wita ibitariho nkaho biriho.

49 Noneho, Yosuwa aravuga ati, "Naturishije abantu kubwo kubabwira nti, 'Mutuze. Imana niko yavuze.'" Imana yarabivuze; uko ni ukuri. Ariko murazi, bari basigaje iminsi ibiri uvuye aho; hari I Kadesh barnea. Hari nk'iminsi ibiri bashoboraga kuba bari mu gihugu cy'isezerano. Ariko Yosuwa aravuga ati, "Byafashe imyaka mirongwine mbere y'uko dufata igihugu. Ntiyigeze avuga igihe tuzafatira igihugu, ariko Yaravuze... Yaretse ko kiriya gisekuru gishaje bapfa, abo batizera, maze ihagurutsa ikindi gisekuru cyizeraga. Ntabwo yigeze avuga igihe bajyaga gufata igihugu, ariko Yavuze ko bajyaga gufata icyo gihugu, kandi turagifata." Ndatekereza ko yari umuhamya w'ukuri. Ese si uko mubitekereza? Nyakuri niko biri. "Twafashe icyo gihugu nyuma y'imyaka myinshi."

50 noneho, dutangiye gutinda. Njye... Reka nongere nzane undi mutangabuhamya umwe. Ese sibyo? Mfite nka cumi na babiri hano hasi. Twashoboraga guhamagara nk'ijana cyangwa maganabiri, ariko reka mpamagare undi umwe. Niba munyihanganiye, Ese nashobora kuba umuhamya? Ndashaka gufata igihagararo mu mwanya We. Ya minsi yari inyuma hariya. Niyo iri hano ubu. Ndabizi ko ibyo byaba aribyo buhamya bwabo, ariko reka mpagurutse umuhamya indi nshuro.

Oh, mbega. Ndibuka hariya hepfo igihe nari umuhungu muto. Mwasomye amateka y'ubuzima bwanjye. Muzi ayo mateka. Ndibuka aho hepfo ku mugezi aho, igihe nari umubwiriza muto w'Umubatista kandi narimo mbatiza, hafi nk'abantu ibihumbi icumi bari bahagaze aho ku nkombe. Kandi nyuma ya saa sita imwe, ububyutse bwanjye bwa mbere, ahantu runaka hari abantu igihumbi bihannye, kandi narimo mbabatiza aho hanze mu mazi. Ku muntu wa cumi na karindwi narimo mwinjiza mu mazi, numva urusaku, nuko ndeba aho hose. Hari hashyushye. Yari mu kwa Gatandatu, 1933, aho munsi y'agahanda ka Spring Street, i Jeffersonville, indiana.

Narimo mbasohoramo aho, kandi ku nkombe haruguru no hepfo hari huzuye abantu.

51 Nasohokanye n'umuhungu muto. Nari namubonye ku gicaniro. Ndavuga nti, "Muhungu wanjye, ese wakiriye Yesu Kristo nk'Umukiza wawe ku giti cyawe?"

Aravuga ati, "Ndamwakiriye" Izina rye ryari Edward Colvin. Maze ndavuga nti, "Edward, waba uzi ibyo ndimo gukora ubu?" Aravuga ati, "Ndabizi, Mwene Data Branham."

Ndavuga nti, "Ndimo ndakubatiza, kugira ngo nereke iri teraniro riri hanze hano ko wakiriye Kristo nk'Umukiza wawe ku giti cyawe. Igihe nkubatije mu Izina rya Yesu Kristo, utwara Izina Rye. Ugatangira kubaho ubuzima bushya. Kandi igihe urava hano uratangira kugendera mu buzima bushya. Ese ibyo urabisobanukiwe, Edward?"

Aravuga ati, "Yego."

Ndavuga nti, "Mwubike imitwe yanyu." Ndavuga nti, "Data wo mu ijuru, nkuko uyu muhungu muto yatuye kwizera kwe muri Wowe, kandi nkuko natumwe kujya mu isi hose maze nkabwiriza Ubutumwa bwiza, mbabatiza mu Izina rya Data, Umwana, n'Umwuka Wera, mbategeka kwizera ibintu byose Wabigishije, ndakubatije wowe mukundwa mwene Data, mu Izina ry'Umwami Yesu Kristo."

Kandi nkuko narimurambitse mu mazi, ndeguka; numva ikintu gitambutse, "whoosh." Ndeba mu materaniro, maze numva ijwi rivuga riti, "Reba hejuru." Ndatekereza nti, "Biriya ni ibiki?"

Billy uri hano, mama we, hari nk'imyaka ibiri cyangwa itatu mbere y'uko dushakana; yari ahagaze aho. Mbona mu maso he hahindutse umweru. Yari afite icyuma gifotora mu biganza.

52 "Reba hejuru." nryumva inshuro ya kabiri. Numvishe ngize ubwoba. Ndeba aho hose, abantu bari bahagaze aho bumiwe. Numva ryongeye kuvuga riti, "Reba hejuru." Kandi igihe ndebye harimo haza ya Nkingi y'Umuriro imwe yayoboye Abayisiraheri aho mu butayu, ibihumbi by'amaso birimo biyireba. Imanuka aho ngaho yerekeza aho narimpagaze maze Iravuga iti, "Nkuko Yohana Umubatiza yoherejwe kujya guteguriza kuza kwa mbere kwa Kristo, Ubutumwa bwawe buzazenguruka isi kandi buzateguriza kuza kwa kabiri kwa Kristo."

Ibyo byagiye mu kinyamakuru The Associated Press. Dogiteri Lee Vayle, uri hano iyi nyuma ya saa sita, yagikuye iyo hakurya muri Canada n'ahandi. Bati, "Umubwiriza usanzwe w'Umubatista, arimo arabatiza, umucyo udasanzwe wabonetse hejuru ye."

Hakurya aho muri Dallas, Texas, cyangwa Houston, Texas, mu myaka mike ishize, igihe abantu bashidikanyaga, kandi byari bigoye cyane kuri njye kumenya icyo wakora… umubwiriza w'umuhanga w'Umubatista yashakaga kujya impaka na Mwene Data Bosworth; nta bintu byo gukiza indwara bya Kimana byariho. Kandi mu gihe yaratsinzwe izo mpaka nk'ijana ku ijana, aravuga ati, "Reka ndebe aba biyita abakiza indwara ba Kimana baze hano maze babikore."

Ndavuga… Ndamanuka. Nari aho mu nzu yo hejuru. Ndavuga nti, "Ntabwo ndi ukiza indwara wa Kimana, mugabo."

53 [umwanya utariko ikintu kuri kasete—Ed.] "…Yesu. Yego cyangwa oya. Ntabwo ushobora kubisubiza." Ikibazo kimwe gusa, ibyo byari bihagije. "Niba ari Yehova-Yire, Agomba kuba ari we. Niba Atari we, Ntabwo ari Umukiza, kandi ntushobora gutandukanya Amazina. We ni Yehova-rapha, Ukiza indwara, Umwe ejo hashize, uyu munsi, n'iteka." Uwo muntu ntabwo yashoboraga kuva aho, ahubwo yari ahagaze kandi avuga ategwa. Benshi muri mwe mwari muri aho, ndakeka, kugira ngo mwumve. Noneho itsinzi yari yahawe Umugabo Bosworth, kandi undi ntiyabonye n'inota rimwe. Maze igihe byari bimeze gutyo... Ibyo byari ku ruhande rw'abayobozi b'umugi batari bafite uruhande na rumwe babogamiyeho, bashaka gusa kumenya icyo... Ibyanditswe bivuga.

Kandi hanyuma yakomeje kuvuga ati, "Reka aze." Ntabwo yari aziko ndi aho hejuru. Kandi nari nicaye aho hejuru hamwe n'umugore wanjye na Becky muto. Yarangije amashuri yisumbuye uyu mwaka. Nari mpagaze aho. Yari afite umwaka umwe; Nari mufashe mu biganza byanjye.

Maze aravuga, Mwene Data Bosworth aravuga ati, "Nziko Mwene Data Branham ari hano mu materaniro. Niba abishaka yaza agasezerera abantu, nta kibazo" Ariko aravuga ati, "Njye..." Kandi buri wese atangira kureba hose. Kandi aho hari hahagaze nk'amagana menshi y'abantu, ibihumbi, nk'ibihumbi mirongwitatu. Twari dufite nk'abagera kuri maganinani aho, hakurya aho ku Nzu y'imiziki. Kandi aba bari abantu baje bateze indege, gari ya moshi, n'ahantu hose.

54 Kandi aho niho namenye… Amatsinda yose y'abapantekote yaje hamwe noneho. Ibyo byashoboraga kuzana akarengane kuba wahuza abo bantu hamwe. Ntabwo washoboraga kubyizera. Ariko igihe icyo gihe kije… Murabona, ikintu kimwe bizeye muri rusange, kwari Ugukira kwa kimana, uko niko abanyabumwe, abanyabubiri, abanyabutatu, abanyabune, n'abandi bose, bose baje hamwe. Bari baraho.

Kandi uyu muntu aravuga ati, "Nta muntu wizera gukira kwa Kimana usibye itsinda ry'abera bigaragura."

Raymond Richey arahaguruka maze aravuga ati, "Icyo wita abera bigaragura ni iki?" Aravuga ati, "Icyo wita abantu bazima ni iki?"

Aravuga ati, "Ababatista."

Aravuga ati, "nta kibazo, ni bangahe bari hano muri iyi nyubako ubu bashobora kwerekana binyuze mu byemezo bya muganga ko Yesu Kristo yabakijije uburwayi mu gihe Mwene Data Branham ari hano?" kandi abantu maganatatu barahaguruka. "Noneho, bimeze bite kuri aba?"

Nuko atangira kurwana arakaye. Narimo ntekereza kumanuka. Numva Umwuka Wera aravuze ati, "Manuka." Ndareba, kandi nka hano hari wa Mucyo uhagaze aho nyine nari ndi.

Manuka aho hepfo maze ndavuga nti, "Niba impano ifite ikibazo, ibyo biratandukanye. Ariko ntabwo njye ndi ukiza indwara. Imana niyo Ikiza indwara." Maze ndavuga nti, "Niba ndimo mpamiriza Imana, Imana

55 ihatiwe kumpamiriza."

Noneho, inzu y'amafoto ya Douglas yari ifite ibyuma bifotora binini biri aho, baravuga… Uwo mubwiriza aravuga ati, "Fata amafoto runaka y'uriya musaza. Ngiye kumukuraho uruhu, kandi mukure muri ubwo bwihisho bwe, maze uruhu rwe ndwomeke ku muryango w'aho nigira kugira ngo bibe urwibutso rwo Gukiza kwa Kimana." Ese ushobora gutekereza ku Mukristo urimo uvuga undi muri ubwo buryo? Murabona, murebe, muzamenyerwa ku mbuto zanyu. Uko niko yafotoye amafoto atandatu.

Afunga igipfunsi cye agitunga Mwene Data Bosworth ku zuru mbere y'uko batangira kujya impaka. Aravuga ati, "Fotora nka gutya," maze barayifotora. Mwene Data Bosworth yari ahagaze aho. Muzi ibyo aribyo? Igihe yazijyanye muri studio kugira ngo bajye kuzitunganya, nta n'imwe yari ihari. Buri yose muri zo yari yapfuye kuburyo bwuzuye. Imana ntabwo yari bwemerere uriya mutizera ko ashyira ikiganza cye ku zuru ry'umuntu wubaha Imana nka gutyo, kugira ngo babifotore.

56 Kandi mu gihe nari mpagaze aho ndavuga nti, "Niba hari ikibazo ku mpano z'Imana kubijyanye no kurondora, ibyo ni Ibyanditswe byasezeranywe. Ibyo bishobora guhamywa. Ibyo bishobora guhamywa." Ariko ndavuga nti, "kubyo kuba njye naba ukiza indwara, oya, mugabo. Ntabwo ndi ukiza indwara, mugabo." Aravuga ati, "Nk'umuntu, ndabubaha. Naho kubijyanye no kuba umubwiriza ntacyo mbabonamo."

Ndavuga nti, "mu kugusubiza ndabyemeye." Kandi nkomeza mbere gutyo.

Nuko aravuga ati, "Ndifuza kukubona ukora. Ndifuza kukubona ucurika umuntu ubwenge (hypnotize), kandi reka mbirebe nk'umwaka umwe uvuye none," atangira kuzenguruka aho.

Ndavuga nti, "Niba mvugira Imana, ni inshingano z'Imana kumvugira." Ntacyo navuze aho, kandi nka hariya haza ya serwakira nanone, aho hepfo mu materaniro aho yari ari; aho haza iyo Nkingi y'Umuriro iramanuka. Kandi icyo cyuma cyo mu nzu y'amafoto gikomeye gifata iyo foto. George J. Lacy, ukuriye ibiro bishinzwe ibikumwe n'inyandiko muri FBI yarayijyanye. Mu gicuku uwo mugoroba, igihe bayishyizemo aho, niyo yonyine yari ifite ifoto. Mwe... Nibangahe bayifite aho mu mazu yabo? Murabona? Imanitse aho muri Washington, D.C., aho mu nzu... inzu ndangamurage y'ibihangano bya kiyobokamana; nicyo kiremwa cy'indengakamere cyaba cyarigeze gifotorwa hose mu mateka y'isi.

57 Byari ibiki? Mwitegereze. Mubyitegereze muri iki cyumweru. Murebe ibyo yakoze; ejo hashize, uyu munsi, n'iteka ni Umwe. Iyo mba mfite indimi ibihumbi icumi ntabwo narambirwa kumuvuga. Yego, mugabo.

Pasteri wanjye yarambwiye, hariya kera, aravuga ati, "Muhungu wagize inzozi." icyo yari kuba afite cyose… Ndibuka ubwo natangiraga aho kandi nahuye n'abo bantu hano muri iki gihugu. Arambwira, aravuga ati, "Impano ya mbere yari kuba ko wowe… Ijwi inyuma y'ibi ryari kuba ko, uzashyira ibiganza ku barwayi kandi batagize icyo bavuga. Rizavuga ibyo aribyo." Ni bangahe bibuka ibyo? Maze ndavuga nti, "Noneho hazagera igihe..." Avugana nanjye rya joro ubwo Yahuraga nanjye kuri Green's Mill, nuko We... Ndabimubaza, maze Aravuga ati, "UBwo nibwo buryo byari bimeze mu minsi ya kera." Niko Umwami wacu Yavuze, bakoraga muri ubwo buryo bumwe, kandi iyi niyo saha ibi byakwiriye gusohozwa.

58 ndabizi ko hari ugukundirira kwinshi mu isi. Ntabwo ari inshingano zanjye ibyo abandi bazahamya. Ngomba kuzasubiza gusa kubyo njye nahamije. Ndi umuhamya uhagaze kugira ngo nshyigikire Imana n'Ijambo Ryayo, kubera ko nzi ko ari ukuri. Kandi Ijambo Ryayo... Igihe namwumvise ambwira ibyo, ntabwo najyaga kubyemera iyo aba atarabinyeretse muri Bibiliya ko byasezeranywe kuri uyu munsi. Ni bangahe bibuka ko nababwiye ko bizasohora, Yavuze ko nzamenya n'amabanga ari mu mitima yabo? Muzamure ibiganza byanyu. Murabona? kandi ndabikora? ni mu myaka mirongwitatu n'itatu ishize. Ntabwo

byigeze bibaho ubwo; byaje gutyo nk'imbuto irimo kumera. Byazamutse nk'Ijambo Ryayo. Kandi uyu munsi ndi umuhamya ko Ariho. Ndi umuhamya ko Akiza indwara.

59 Mwumve, ntabwo dusigaranye igihe gihagije, ni umwanya wo gusengera abarwayi. Mwibuke, ngiye gusoza uru rubanza kandi mbirekere nka gutya, niba… Mushobora kwizera umutangabuhamya mushatse, ariko mwibuke, ibitekerezo byanyu nibyo nteko y'abanyarukiko. Muri buri rubanza hagomba kuba inteko y'abanyarukiko. Kandi noneho uburyo uza gukora nyuma ya hano biraza kugaragaza umwanzuro. Noneho, tugiye gukora icyo Bibiliya yavuze, kurambika ibiganza ku barwayi kandi bazakira, niko biri, abizera. "Ibi bimenyetso bizajyana n'abizeye." Noneho. Niba mwizeye... Turabyizera. Amagana hano bashobora guhaguruka, aha hose mu gihugu...

Florence Nightingale, uwo witabye Imana Florence Nightingale umwuzukuruza we muri London, mu Bwongereza, ari aho… Mwabonye ifoto ye aho nta kindi yaricyo uretse igicucu. Kanseri yari yaramumaze. Ese mwabonye ifoto ye aho ku rupapuro rukurikiyeho?

60 Murebe Umudepite Upshaw, aho yari mu kagare amaze imyaka mirongwitandatu n'itandatu. Ahagaze aho muri California uwo mugoroba maze arinjira, narimo njya ku gicaniro.

Nari mpagaze aho, kandi batangiye umurongo w'amasengesho. Ndavuga nti, "Mbonye… umugore w'umwirabura imbere yanjye. Kandi afite umwana muto. Hari umuganga uhagaze… uwo wabaze uwo mwana, kandi ahita aba paralize. Muganga yarimo aho. Yari yambaye izo ndororwamu zikoze mu gifubiko cy'akanyamasyo. Kandi bituma umwana aba paralize. Ahagana aho hepfo hanze hari uwo mubyeyi Jemima, yapimaga nk'ibiro ijana na makumyabiri, aza hano, asunika abashinzwe gahunda, akurura iyo ngobyi yarimo umwana yari arimo, aravuga ati, "Mwami ngirira imbabazi, uyu yari umwana wanjye." Maze abashinzwe gahunda baravuga bati, "Ntabwo ushobora kujya mu murongo. Ntabwo ufite ikarita yo gusengerwa, mugore." Ndavuga nti, "Mugore..."

Aravuga ati, "Ngiye kuzamuka hariya." Kandi ntabwo bashoboraga kumufata; yari munini cyane kuri bo. Noneho yarimo asunikana ajya mu murongo.

Arazamuka. Kandi ighe ageze aho, hafi y'aho, ndavuga nti, "Tegereza umunota umwe, mugore. Umwami Imana aramutse amenye icyari gitumye uri hanze…" Ndavuga nti, "Ni ukubera uwo mwana niko biri." Ndavuga nti, "Nta kintu nshobora kubikubwiraho." Ndavuga nti, "Ikintu cyonyine nzi ni ugusengera uwo mwana, kandi ngiye guhita mbikora aka kanya." Ndavuga nti, "Ariko njye... Ikintu cyonyine mvuga ni icyo mbonye."

Aravuga ati, "Ibyo byari mu myaka ibiri ishize, mugabo." Kandi aravuga ati, "Umwana wanjye, igihe bamukuyemo utwo tuntu two mu nkaka yahise aba paralize," maze aravuga ati, "Yabaye paralize kuva icyo gihe."

Ndavuga nti, "Rero, niba kwizera gushobora kumukoraho kugira ngo agarure ibyo, kubera iki utakicara hariya ngo maze usenge?" Ndahindukira, maze ndavuga nti, "Nkuko narimo mvuga mu butumwa bwanjye..." Ndareba, maze mbona arimo amanuka umuhanda, aho hasaga n'akayira gakikijwe n'ibiti, umukobwa muto w'umwirabura, uwo umwe, afite ako gakinisho ke aho mu biganza, arimo akazunguza mu gihe arimo agenda. Ndavuga nti, "Mubyeyi, Imana yumvise amasengesho yawe. Umwana arakize." Umwana arahaguruka, nagombye kubaturisha. Byari bimeze nk'abasirikare, maze bamanura uwo mwana aho mu gihiriri nk'icyo..

61 Mu minota mike ndavuga nti, "Ndabona umusaza. Ari hejuru y'ikirundo cy'ibyatsi. Ubu, ni umuhungu muto. Arahanuka maze akomereka umugongo." Ndavuga nti, "Bagombye gutobora imyobo mo aho kugira ngo bamurinde kwicugusa k'ubutaka." Itsinda ry'ababwiriza, buri wese yari ahuje umutima n'undi bicaye hariya, amagana n'amagana. Maze ndavuga nti, "Ahindutse umuntu ukomeye, umuvugizi wo kurwego runaka."

Kandi biragenda, maze mvaho, ndatangira. Nuko noneho Dogiteri Ern Baxter aza kumenya ko, ahagana inyuma hari igare, itsinda riri hariya ahagana inyuma. Aravuga ati, "Uwo yari Umudepite Upshaw. Ese wigeze kumwumvaho?"

Ndavuga nti, "Oya mugabo."

Aravuga ati, "Mu myaka yashize yarimo yiyamamariza kuba perezida."

Ndavuga nti, "ntabwo muzi, mugabo." ndavuga nti…

Aravuga… ati… aravuga ati, "Ese namuzana… nkamukwereka?"

Maze ndavuga nti, "Ese ni nde?"

Aravuga ati, "Yicaye ahagana hariya inyuma."

62 Nuko baramusunika, umugore we niwe wabikoraga, maze aravuga ati, "Musore muto, ni gute wamenye?" Aravuga ati, "Dogiteri Roy E. Davis, uwo wagusengeye muri Missionary Baptist Church, na… kandi yari… yari umuvugizi w'Igiterane cy'Ababatista bo mu majyepfo." aravuga ati, "Ni We wanyohereje hano kuri wowe kugira ngo usengere" Aravuga ati, "Narasengewe kuva nkiri umwana muto, ariko igihe cyose nahoraga nizera ko Imana izankiza, kubera nafashe igihagararo gikwiriye mu gihe cyo gukumira. Nari... Igihe izi nzoga zari zigiye kujya zinjizwa niswe umuntu w'amagufwa yumye." Aravuga ati, "Natsinzwe kuba Perezida wa Leta Zunze Ubumwe kubera igihagararo cyanjye."

Ndavuga nti, "Icyo ni kintu cy'ubutwari, mugabo." Ndavuga nti, "Imana iguhe umugisha." Ndavuga nti, "Niko biri. Muza ne umurwayi wanyu wambere hano, umuntu wambere kugira ngo azamuke hano." Igihe mbikoze, ikintu kiba ku mugore, kandi nari nabimubwiye. Maze ndahindukira nuko ndongera nanone, maze mbona uwo musaza w'umudepite hamwe n'iryo kote ry'ibifungo, hamwe na karuvati itukura, imanuka, arunama imbere y'abantu nka gutya, aratambuka aho imbere y'abantu. Ndavuga nti, "Congressman, Yesu yakubashye. Birasa nkaho agiye kugukiza, Yajyaga kuba yaragukijije igihe wari umusore muto. Kandi amagufwa yawe yari yose yari yoroshye kandi yose, urabizi, yarabangutse ndetse n'ibindi." ndavuga nti, "Bisa nkaho Ari bugukize noneho, ariko Yamaze kugukiza ubu."

Aravuga ati, "Uvuze ko ubu namaze gukira?"

Ndavuga nti "UKO NIKO UWITEKA AVUZE." Ndavuga nti, "Ese ufite ikote ryijimye ririmo imirongo..." Yari yambaye iryijimye hamwe na karuvati itukura. Ndavuga nti, "Ese ufite ikote ryijimye rifite imirongo?"

Aravuga ati, "Yego, mugabo. Mperuka kurigura undi umunsi."

Ndavuga nti, "Haguruka. Yesu Kristo aragukijije." Kandi nibangahe bazi ibyo? Ubuhamya, bwatangiwe (mu materaniro ya Billy Graham) aho mu biro bya Perezidanzi y'Amerika (White House) atambuka kandi aririmba ati, "Mwikomeze ku Maboko y'Iteka." Ntiyongeye kugendera ku mbago no mu kagare iminsi yose yabayeho.

63 Jack Moore na njye twari hano hepfo muri Mexique ya kera wa mugoroba ubwo byasabaga ko banyururukiriza ku nkuta. Umugore muto aho, uwo Munyamexiquekazi w'Umugaturika… Ijoro ribanziriza ibyo, narambitse ibiganza ku mpumyi. Yakira gukira kwe. Uyu mugore muto... baravuga bati... Billy yaje kuri njye; aravuga ati, "Daddy..."... nahamagaye uwo mugabo "Manana," "manana" bisobanuye "ejo"; yagendaga gake. Yarimo atanga amakarita yo gusengerwa, maze Billy ajya kureba niba atayagurishije. Nuko aravuga ati, "Yatanze amakarita yo gusengerwa yose." Maze aravuga ati, "Uyu mugore muto afite umwana wapfuye muri iki gitondo." Kandi hari nka hafi saa yine z'uwo mugoroba, aho hanze muri cyo kibuga cy'imirwano y'ibimasa, aho... kandi imvura yarimo igwa, ahantu hanini, hadatwikiriye, nka gutyo.

64 Maze ndavuga… Kandi kugira ngo banyinjizemo bakoresheje urwego rufite ingazi. Mwene Data Jack Moore n'abandi bari hano ubu; yari araho ku gicaniro. Aravuga ati, "Mfite abashinzwe gahunda mu bantu maganatatu bahagaze aho ntibashoboraga gufata uriya mugore." Aravuga ngo arimo kuburira ku ntugu, akabanyura mu maguru. Ati, "Kandi namubwiye ko ntaburyo yabona uko agera hano kuko ntabwo afite ikarita yo gusengerwa. Nta yandi makarita dusigaranye." Ntabwo ibyo yabyitayeho. yashagakaga ko barambika ibiganza kuri uwo mwana. Yari yabonye umugabo w'Umugaturika wari impumyi imyaka makumyabiri cyangwa mirongwitatu yakira gukira kubwo kuba yasengewe. We... Kandi hari etagele y'imyenda ishaje...

Mutekereza ko iki ari ikintu? Oh, ahakubye inshuro eshatu iki gicaniro, bisumba nka hariya bigera kure aho washobora kureba hamwe n'utwo dushari dushaje n'ingofero. Uburyo bagiye bamenya nyirabyo, ntabwo mbizi. Ariko bari bizeye; ukwizera nk'umwana muto.

65 Nuko ndavuga nti, rero, mvugana na Mwene Data Jack; we na njye dusokoza kimwe, murabizi, nuko ndavuga nti, "Mwene Data Jack, ntabwo aribumenye itandukaniro hagati yanjye na we. Wowe manuka hariya maze usengere uwo mwana."

Maze aravuga ati, "Nta kibazo, Mwene Data Branham." Atangira kumanuka; Mwene Jack yicaye hariya. Noneho twari… Aragenda… Ntangira kubwiriza nka gutya. Maze ndebye, nuko mbona umwana muto w'Umunyamexique, umwana muto ufite mumaso hirabura, ahagaze hano imbere yanjye, arimo aseka. Hamwe n'utwo duhanga tudafite amenyo. Ndavuga nti, "Tegereza umunota umwe. Tegereza umunota umwe. Zana uwo mwana hano."

Ndavuga nti, "Mwami Imana, ntabwo..." Maze aza yiruka kandi yari afite… yari hamwe n'umusaraba mu kiganza cyanjye, arimo asakuza, "Padiri," bisobanuye "data." Ndavuga nti, "Haguruka ubu." Yari afite akaringiti k'ubururu, n'akana gato, kagagaye, kapfuye, karyamye aho, kandi kari gatose, imisatsi ye yarimo igwa yose, umugore muto mwiza, ahari ashobora kuba yari we mwana we wambere, nko kumyaka makumyabiri, murabizi. Kandi yari amufashe nka gutya, kandi njye... njye ndavuga nti, "Ngiye gusengera umwana."

Murambikaho ibiganza… Ntabwo bajya basobanura isengesho. Ndavuga nti, "Mwami Imana, nabonye

gusa iyerekwa; ntabwo mbizi...” kandi muri ako kanya gatangira gatera akageri, kandi gatangira gusakuza no kurira, nka gutyo.

Ndavuga nti, “Mwene Data Espinoza” uwo… wari ukuriye igiterane, ndavuga nti, “Ntimufate ubuhamya bw'uyu mugore. Mwohereze intumwa kuri uriya muganga.” Dogiteri asinya ubuhamya bwaje kugaragara mu kinyamakuru kitwa “Voice of Healing.” Umwana yari yishwe n'umusonga wamufashe mu mpande zombi icyo gitondo saa tatu mu biro bye, yemeje ko yapfuye, ntiyahumekaga. Bari bamugumishije mu mvura uwo munsi wose, maze arakira kandi ni muzima uyu munsi, kubyo mbasha kumenya, kubwo kubaho kubw'Ubwami bw'Imana.

Kandi nari mfite ibintu byinshi aho muri Afrika, aho nabonye abagera ku bihumbi mirongwitatu abapagani bo hasi batanga ubuzima bwabo kuri Yesu Kristo. Imana irinda Ijambo Ryayo. Ari uko yari ejo hashize uyu munsi, n'iteka, nkuko ari umuhamya Waryo.

66 Muri… Ibitekerezo byawe ni inama y'abanyarukiko, kandi ibikorwa byawe ni umucamanza wawe. Noneho, mwubike imitwe yanyu akanya gato.

Mwami Yesu, urubanza ntabwo rwari rwatangira. Ni bangahe bandi twashobora guhamagara hano ku gicaniro. Waravuze uti, “Nibarambika ibiganza ku barwayi, bazakira.” Waravuze uti, “Imirimo nkora namwe muzayikora.” Umugore yakoze ku myenda Yawe… Urahindukira maze umubwira ikibaye. Kandi Urinda Amagambo Yawe yose. Nta na rimwe muriyo riri mu makosa. Ibipfuye biri mu mutizera, Mwami. Umugabo Mutizera, niwe wanduje abantu... Umugabo Mushidikanyi, ni uwo udashobora kwihangana uwo utashobora gutegereza Umwami, kandi nyamara akiyita ubwe urubyaro rw''Abraham. Oh, Mwuka Wera, wunganira, Uzi ufite kwizera n'utagufite. Mana, ndagusenze kugira ukureho kutizera kose iyi nyuma ya saa sita. Kandi reka Umucamanza ukomeye w'isi yose aze ubu noneho, uwo Umwe wanditse Ijambo. We ni Ijambo. Reka We aze.

67 kandi nkuko aba bantu bagiye kunyuramo hano kugira ngo bakire indwara iyi nyuma ya saa sita, reka buri wese muri bo ategure ibitekerezo bye ubu. Bari mu rubanza, Mwami. Ibitekerezo byabo niyo nteko y'urukiko yabo. Kandi uburyo baribukore nyuma yo kuva hano bamaze kunyura muri uyu murongo biribuhamye icyo batekereza ku Ijambo ry'Imana. Noneho biduhe, Mwami, kugira ngo ubu butumwa bwa nyuma Wabwirije ku ntumwa Zawe igihe wabatumaga, amagambo yanyuma yaje avuye muri iyo minwa yera Yawe. “Nibarambika ibiganza ku barwayi, bazakira.” Abo ni abizera. Ikintu cya nyuma wavuze...

Umurimo wambere Wigeze uha umuntu gukora, Matayo 10, wari, “Mukize abarwayi, mwirukane abadayimoni. Nkuko mwaherewe ubuntu, mutangire ubuntu.” Umurimo wanyuma wabahaye wari, “Mujye mu isi yose. Mwirukane abadayimoni, murambike ibiganza ku barwayi. Bazakira.” Mwami, reka aba bantu bamenye ko kwizera gufashe, nkuko kwabikoze kuri aba bahamya. Barabyizera, uko byamera kose... Ntabwo biri buhite biba nonaha, ariko icyo Wavuze, utuma gisohora. Waravuze uti, “Nimudashidikanya mu mutima wanyu, bizasohora.” Imbuto igomba gukura. Reka abantu babone kandi basobanukirwe, kubera ko tubisabye mu Izina rya Yesu. Amena.

68 Ese uri umwizera? Noneho, Arinda Amagambo Ye yose. Ese ibyo murabyizera? Noneho, mutuze nyakuri, buri muntu, akanya gato mbere y'uko duhamagara umurongo w'abasengerwa. Turashaka gahunda. Noneho, mwibuke. Ese mwamaze gufata icyemezo mu bitekerezo byanyu? Ese mwageze ku mwanyuzuro, mwe nteko y'urukiko? Muzamure ibiganza byanyu niba mwageze ku mwanzuro. Ese Imana irimo gutsinda cyangwa ntabwo irimo gutsinda? Ese Ijambo Ryayo... Ese Aracyari uko Yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka, cyangwa ntabwo ari uko ari? Noneho, nuramuka uzamuye ikiganza cyawe, utambuke muri uyu murongo, noneho n'uburyo mukora kuva hano gukomeza... Ese mukora nk'Abraham, cyangwa Umugabo Mutizera. Murabona? Umugabo Mushidikanyi? Umugabo Mutihangana; mubareke. Mwizera Yesu Kristo Uri uko Yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka.

69 Ndi umushyitsi kuri mwe. Ariko noneho kubwo gutuma mumenya ko Akiri hano, kandi ko nuramuka wemeye Ijambo mu mutima wawe… Noneho, ahari waba utashobora gukora nk'ibi. Twagiye tugira nk'uyu umwe mu gisekuru. Hari Mose umwe. Nta n'umwe mu basigaye washoboraga guhindura umukungugu ukavamo inda, n'ibindi, n'amazi akayahindura amaraso. Hari Mose umwe. Abasigaye bose bizeye icyo yavuze. Murabona?

Hari itsinda ry'abantu aho haruguru ryashakaga gukora itsinda muri bo, Datani n'abo, maze Imana iravuga iti, “Itandukanye nabo wowe ubwawe,” kandi isi irabamira. Murabona? Kandi ibyo byari gusa… Ibyo byari ubwoko bw'ibi, ibi kubwo kuba ibifatika byabyo. Isi igenda ibatwa buke buke. Mwabonye icyabaye kuri buri wese muri bo. “Ariko ntimushobora kubyizera, ibintu byose birashoboka.” Ese ibyo murabyizera? Ni ukuri. Ibintu byose birashoboka, niba bizeye. Niko biri. Musenge. Mushyire kwizera kwanyu mu Mana ishobora byose.

70 Hari ikibazo hano icyo nshaka kuvuga hano. Yego. Igihe umuturanyi wawe akubonye, kandi abantu bakakubona uza hano mu murongo iyi nyuma ya saa sita, igihe bakubonye uza hano mu murongo, bari bumenye icyo wanzuye nyuma yo kumva uburyo wabikoze ndetse n'uburyo ubihamya. Niba igikurikiraho,

ari ukujya kwa pasteri wawe, ukavuga uti, "Ntacyo nabonye. Ndashaka kongera kugerageza." Murabona, aho urimo urarandura imbuto yawe. Uyirekure kandi uyirekere hariya. Ubyibagirwe. Ibyo ni iby'Imana. Mu mutima wawe niba ushobora kwizera, biraza gusohora.

71 Ese ibyo urabyizera mugabo, wowe wicaye hariya wambaye iryo kote rijya kugajuka, wicaye ahagana hariya inyuma urimo andeba? Ese ibyo urabyizera? Noneho kugubwa nabi kwawe kukuvuyeho. Ntabwo nigeze mbona uriya mugabo mu buzima bwanjye. Ese twaba tutaziranye, umwe ku wundi, mugabo? Ibyo ni ukuri. Icyo nicyo urwaye. Ibyo ni ukugira ngo umenye, ko njye ndi umukozi w'Imana, umugore wicaye ahakurikiyeho kuri wowe afite uburwayi bw'igifu. Uko ni ukuri. Ese urabyizera? Zamura ikiganza cyawe cy'uko wizeye ko wakize. Ugire kwizera gusa. Umugore wicaye ahamukurikiye afite uburwayi bw'umutima. Ibyo urabyizeye, ko Imana iribugukize? Niko biri, mugabo. Niba ubyizeye, uraza kubibona. Undi wicaye akurikiyeho afite uburwayi bw'abagore. Urizeye ko Imana iza kugukiza?

Umugore wicaye ahakurikira uriya, umugore ubyibushye cyane, afite diyabete. Urizeye ko Imana iribugukize? Umugore wicaye hariya hejuru hari ikintu kitagenda kuri we… Afite… ikibazo cy'uburwayi bw'abagore yicaye ahagana hariya inyuma ku murongo. Ndizera ko uriya ari umukobwa we, wicaye hariya inyuma ye aho, afite ikibazo cy'uburwayi bw'umutwe, bwatewe n'impanuka. Ese ibyo ni ukuri? Zamura ikiganza cyawe aho mu nzu yo hejuru.

Ese we ni iki? Ndi umuhamya We ko We ari muzima. Ari uko yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka. Arinda Ijambo Rye ryose. "Imirimo nkora, muzayikora..."

72 Ese bimeze bite kuri mwe bantu bari hejuru mu nzu yo hejuru… Undi muntu arizeye akanya gato. Noneho, murashaka ko mbereka ba mutizera? Bishobora kubagwa nabi. Ni bangahe babibonye bikorwa? Biraba gusa. Ugomba kureka urukungu n'amasaka bigakurana.

Abantu bose bari muri uyu murongo hano bafite ikarita yo gusengerwa… Mutegereze umunota umwe.

Gute, abapasteri benshi bari hano bizera iyi nyuma ya saa sita… bari mu rubanza nabo, kandi mwizera ko Mariko 16 ari ukuri? Muzamure ibiganza byanyu. Abapasteri bose bizeye muze hano. Nindamuka mvuye hano, kandi murabona ikigiye kubaho iyi nyuma ya saa sita, kandi aba bantu baraza gukira, noneho bamwe muri bo bashobora kuvuga bati... Murabona, mubisanzwe umubwiriza ufite umurimo wihariye wo kwinjiramo hariya, agasiga asenye pasteri imbere y'iteraniro. Iteraniro rikavuga riti, "Oh, iyo Mwene Data Roberts aba yaragarutse, Mwene Data Osborn, Mwene Data runaka na runaka, cyangwa Mwene Data Branham, cyangwa undi muntu, oh, we..." Pasteri wanyu afite uburenganzira bumwe kuri ibi ndimo gukora, undi muntu wese. Murabona? Pasteri wanyu ni umuntu woherejwe aturutse ku Mana, bimeze kimwe n'undi mubwiriza wese.

Kandi ndashaka nyakuri umuntu utinya Imana, abapasteri bizera kugira ngo baze hano maze bahagararane nanjye umunota umwe. Bazamuke hano umunota umwe. Bakore imirongo ibiri ahagana hano. Ndavuga abantu nyakuri bizera ubu; ntimugire umutizera mutuma aza. Mushobora gutambamira abarwayi. Niba mwe... Niba mwaciye urubanza ko Ibyanditswe ari ukuri, kandi uyu munsi mu gihe Imana yatubonekeye hano kandi ikatwereka ko Yo iri hano mu rubanza, kandi twizera ko We atubwira ukuri kandi ni ukuri... Murabyizeye? Ni ukuri niba mwizeye. Amena.

73 Wizeye ko kwa kugubwa nabi kwakuvuyeho, mugabo, wicyaye aho hagana ku iherezo? Wizere ko Ari butume ugubwa neza? Uko ni ukuri.

Kandi uburwayi bwawe bw'igifu, wowe ukurikiyeho, wizeye ko Imana ishobora kugukiza uburwayi bw'igifu kandi ikakugira neza? Niba wizeye ibyo, ushobora kubibona nawe.

Ese aba nibo bapasteri bose bizeye bari hano uyu munsi? Ni ukuri, abo barahagije. Umwe arahagije.

Reka abantu bose bafite amakarita yo gusengerwa abo bizera ko Mariko 16… Noneho, mwibuke, ntuzemo hano niba utabyizera. Murabona? Ntuzamuke hano muri ubwo buryarya. Murabona? Ibyo byaba ari bibi cyane kurusha ibindi. Niba utizeye, uvuge uti, "Oya, ntabwo nizeye." Ujyane n'Umugabo Mutizera, Umugabo Mushidikanyi, cyangwa undi muntu wundi..

74 Ariko niba uri urubyaro rw'Abraham rw'umwimerere, kandi ukaba ushaka gufata igihagararo cyawe, icyemezo wafashe… cyagezweho, kandi urashaka kwereka isi ko icyemezo wagifashe, ko wizera ko buri Jambo Yesu Kristo yavuze riri uko ryari ejo hashize, kandi abatangabuhamya bakaba babiguhamirije uyu mugoroba ko We ari uko yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka, reka abo bafite amakarita yo gusengerwa hano bamanuke hano hasi maze bagarukire ahagana hano. Noneho, muhagarare aho niba mubishaka, kandi mukore umurongo.

Reka abari mu iki gihande bose hano bakaba bafite amakarita yo gusengerwa bahindukire maze bazenguruke hariya inyuma maze bajye mu murongo aho inyuma yabo kuri uru ruhande. Noneho, reka bo bose… abo bari muri ibi bihande bindi ahagana hano bahindukire maze basubire inyuma bajya ku gikuta. Ubwo nibwo buryo ushobora kuza kugera ku murongo inyuma hano, manuka. Reka abo bose bari munzu

yo hejuru ahagana hano inyuma. Abo bose bafite amakarita yo gusengerwa, kugira ngo basengerwe, kandi mukaba mwafashe icyemezo cyanyu ibyo bikemuye ikibazo, byamaze gukorwa kandi byagezweho, mugende mwerekeye hariya ku gikuta maze mukore umurongo urimo winjira ahagana hano inyuma.

75 Noneho, ni iki Bibiliya yavuze? Reka nongere nyisome indi nshuro. Ikintu kidasanzwe, ihise ifunguka hahandi. Nizeye ko Umwami ashaka twongera gusoma hahandi indi nshuro. Murabona?

Ubwa nyuma abonekera abigishwa be cumi n'umwe...

Yadukoreye mu buryo bumwe iyi nyuma ya saasita; Ari hano. Ni bangahe bizera ko Kristo n'Umwuka Wera ari… ko Umwuka wa Kristo ari Umwuka Wera? Birumvikana. Nta mana eshatu cyangwa enye. Hari Imana imwe gusa. Hari imirimo itatu y'Imana; Data, Umwana, n'Umwuka Wera, ariko ntabwo ari batatu. Abo ni abapagani. Murabona, hari Imana imwe gusa, kandi ibyo nibyo biyigize. Imana, Data, bari mu butayu mu Nkingi y'Umuriro. Niko biri. Imana, Umwana... Imana, Data, yaremye umubiri ari wo wari Imana, Umwana, kandi itura mu Mwana. Murabona? Imana yari muri Kristo, yiyunga n'isi Ubwe. Ese ibyo murabyizera? Niba uri Umukristo urabyizera.

76 Kandi noneho, "Hasigaye gato maze isi ntiyongere kumbona." Kandi noneho, murebe. Yesu yaravuze ati, "Naturutse ku Mana, kandi ndasubira ku Mana." Nyuma y'urupfu Rwe, guhambwa, no kuzuka, Yarazamutse. Kandi igihe Sawuli w'I Taruso yari mu nzira amanuka ajya i Damasiko Umucyo munini, Inkingi y'Umuriro, yaraje, ikubita imbere ye. Ese ibyo ni ukuri? Ni iki byakoze? Byamuteye ubuhumyi. Kandi igihe yahagurutse, yaravuze... Noneho, mwibuke, ni Umuheburayo. Yamenye icyo ibyo byaribyo, cyangwa ntiyajyaga kuvuga ati, "Mwami." "Mwami, uri nde?" Yari abizi ko ubwoko Bwayo bwakurikiye uriya Mucyo, iyo Nkingi y'Umuriro. Ibasohora muri Egiputa. "Mwami, Urinde Uwo ndenganya?"

Aravuga ati, "Ndi Yesu. Birakugoye gutera imigeri ku mihunda." Yari We waje muri iyo Nkingi y'Umuriro rya joro maze asohora Petero mu nzu y'imbohe.

Kanid noneho, murebe. Niba ya Nkingi imwe igarutse, ese ntizagira ibiyigize bimwe n'ibyo yari ifite hano? Niba ari ubuzima… Rero, iyo Nkingi y'Umuriro iyo… Noneho, nintaramuka nongeye kubabona mwe bantu indi nshuro, kandi mwe bantu, ubuhamya bwanjye bwahamijwe ko ari ukuri. BIbiliya irabihamiriza. Isi y'ubushakashatsi irabihamiriza. Uriya George J. Lacy yaravuze ati, "Igihe kimwe ubwanjye navuze ko ari ibintu by'iyigamitekerereze, Mugabo Branham." Ariko aravuga ati, "Nabipimye n'ibyuma by'ubwoko bwose. Umucyo wakozweho n'ijisho rya camera, iri jisho rya camera ntirishobora gufotora ibintu by' ibitekerezo [psychology]."

77 Noneho nindamuka mbayeho cyangwa ngapfa, ibi ni ukuri uko biri kose. Itorero rirabizi ko ari ukuri. Ubushakashatsi burabizi ko ari ukuri. Nonese bimeze bite kuri wowe?

Mwibuke, ntabwo ari njye; ni We. Ntabwo ari njye. Nta kindi ndicyo uretse umwe muri mwe. Ni We. Agomba gushaka umuntu. Nta muntu ukwiriye ibi, ariko hari umuntu ugomba kubikora. Mwibuke, ntabwo ari umurimo woroshye. Ariko ni umurimo unejeje w'ubwiza kumenya ko Umwami wawe ari hano, kandi ugashobora kubwira bene So ukuri. Ariko ni ibigoye igihe badashobora kwizera. Ariko ibyo, twese tugomba guhura nabyo. Mwibuke noneho. Noneho, mwe teraniro, ese mwese mwamaze kujya ku murongo? Birasa nkaho muwuriho. Noneho, niba hari abari mu ku ibaraza, mukurikire ahagana hariya inyuma y'umurongo hano.

78 Noneho, mwibuke, aba ni ba pasteri banyu, abantu b'Imana bizera Imana. Ese muri abizera? Muhagaze hano kandi muri gutanga ubuhamya ko mwizera ko Mariko 16 ari ukuri. Niko biri. Noneho, Bibiliya iravuga iti, "Isengesho ryo kwizera rizakiza umurwayi; Imana izamuhagurutsa. Nibarambika ibiganza ku barwayi, bazakira." Noneho, tugiye kubasengera, mu gihe muhagaze mwubashye, mutuje.

Kandi noneho, mu gihe muri kunyuramo hano, ibyo… kimwe n'uburyo mwari mugiye kuza… Mushobora kwatura ko mwizera Yesu Kristo ko ari Umwana w'Imana. Maze hanyuma ukajya mu kidendezi kubatizwa, cyangwa mu kagezi, cyangwa mu ruzi, cyangwa ikindi byaba biricyo cyose. Kandi igihe umaze kubatizwa, icyo gusa umubwiriza yashobora gukora; ni ukubwiriza Ijambo; urabyizera; ukabatizwa kubwo kubabarirwa ibyaha byawe, ugahagurukana ubuzima bushya. Noneho uburyo ukora kuva ubwo buhamya ko waba wemeye Kristo by'ukuri cyangwa utamwemeye.

79 Noneho niba wizeye mu gukira indwara kwa Kimana, kandi ukaba wamwemeye nk'Ukiza indwara, duhagaze hano kugira ngo turambike ibiganza kubarwayi. Uburyo uribukore kuva uyu murongo usoje gukomeza, ubuzima bwawe busigaye bwose, buzaba umucamanza, tutiya kucyo uzavuga. Murabona icyo nshaka kuvuga? Kandi ugomba kuba uzi neza ko uri bukire nkuko uribugume uri Umukristo. Ni igihe kingana iki uzamara uri Umukristo nyuma y'ibyo? Igihe cyose ucyizera. Uba wakize uburwayi igihe cyose wizeye.

Mwitegereze. "Ibi bimenyetso bizagendana n'abizeye. Mu Izina Ryanjye bazirukana abadayimoni, bazavuga mu ndimi nshya; bazafata inzoka. Nibanywa ikintu cyica ntacyo kizabatwara. Bazarambika ibiganza ku barwayi, kandi bazakira."

80 Imbere y'ibi byose, ibitekerezo byanjye byageze ku mwanzuro hashize imyaka mirongwitatu n'itanu. We ari uko yari ejo hashize , uyu munsi n'iteka. Kubwo kumwizera, Yigaragaje Ubwe hano uyu mugoroba, igihamya kidakuka, igitangaza. Ikintu icyo aricyo cyose udashobora gusobanura ni igitangaza. Kwerekana ko, Abikora buri gihe.

Muravuga muti, "Kubera iki wowe utakora gusa..."

Mwamenye umugore umwe wafashe umwenda We maze Akavuga ati, "Ngize intege nke." Nibangahe bazi ibyo? Imbaraga zimuvuyemo. Noneho, Yari umwana w'Imana. Bimeze bite kuri njye, umunyabyaha wakijijwe kubw'ubuntu. Murabona? Ariko Yasezeranye ko Azabikora. Murabona? Ni isezerano Ryayo. Ntabwo ari ngombwa kubikora, ahubwo Yasezeranye ko Azabikora.

81 Noneho, ese ibyo murabyizera, byose biri mu murongo, wizera ibitekerezo byawe ko byageze ku mwanzuro? Noneho, bigiye kuba ku bibero byawe ubu. Ibitekerezo byawe byageze kuri uwo mwanzuro wizera ko Yesu Kristo yavuze aya Magambo? Niba ari uko biri, mwe muri mu murongo w'amasengesho, muzamure ibiganza byanyu. Mwese abari mu murongo w'amasengesho mwemera gukira indwara kwanyu bishingiye kuri ibi, mukaba mwizera ko pasteri wanyu, na twe twese, ko turimo gukorera Imana nzima kandi y'ukuri, kandi ubwo buhamya wabonye kuri We iyi nyuma ya saa sita bukamugaragaza hano hamwe natwe, Uwo Umwe Nyiri Ijambo, Uri uko Yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka. Niba ari uko biri, zamura ikiganza cyawe. Bigomba kubaho, bigomba kubaho. Ntabwo nitaye kumenye uwo uriwe, nuramuka ugumanye n'ibyo, bigomba kubaho. Bize neza nkuko imvura igwa, kimwe n'uko Mose yabasohoye muri Egiputa, kimwe n'umwari... uko yabyaye Umwana hatabanje kuba se wo ku isi, bizaza ari icyo kintu kimwe, nimudashidikanya.

82 Roy, ngwino hano ubu maze ufate ibi. Uririmbe "Izere Gusa" Umunota umwe kugeza ubwo dusenga. Babwiriza, reka twubike imitwe yacu, teraniro, aho ariho hose.

Data wo mu ijuru, agahato ko muri uyu mwanya… Turimo kwibaza, Mwami, nibangahe nyakuri bizeye. Imbuto yabibwe; Ijambo ryasomwe. Kristo, Umwuka Wera, yagaragaye imbere yacu maze atwereka ko ubwo Buzima bwari muri uyu Mucyo… Kandi Yari Umucyo w'isi. We ni Umucyo ubu. We ni Umucyo ukomeye w'iteka, kandi Yatubonekeye kuri uyu mugoroba maze akora neza neza icyo Yavuze ko Azakora muri iki gisekuru. Ijambo ryavuzwe kuburyo bwuzuye; Ijambo ryagaragajwe kuburyo bwuzuye, kandi abantu ubu, niba bashobora kwizera kuburyo bwuzuye mubyizera n'umutima wanyu wose...

83 Turimo turabasengera, Data. Ukureho kutizera kose. Reka aba bantu bashoboraga gutanga ubuhamya bubi kuri wowe iyi nyuma ya saasita, uwo muntu wa kera Mutizera, Mushidikanyi, na Mutihangana, reka bajugunywe hanze bave hagati muri twe uyu munsi. Reka uwo asohoke ajye mu mwijima wohanze. Reka ave muri iyi nyubako kugira ngo Umwunganizi, Umwuka Wera, ashobore kubeshaho buri Jambo ubwo bari burigereho. Biduhe. Reka bave hano. Ibitekerezo byamaze gufata umwanzuro, kandi babe aribyo bagenderamo. Kandi noneho, Umwuka Wera, ahereza ubuzima Ijambo kuri bo ryo kumenya ko umurimo uraba urangiye ako kanya igikorwa cyanyuma cyo kurambika ibiganza ku barwayi nikimara gukorwa. Biduhe, Mwami. Natuye ko buri wese muri bo abona gukira mu Izina rya Yesu Kristo.

84 Noneho, ikintu kigiye gukurikiraho n'ukubarambikaho ibiganza. Ni kimwe n'umuhango wo kubatiza, kandi uba ushyinguranye na We noneho, kandi ukazuka maze ukajya mu buzima bushya. Ushobora kuba udashobora kwiyumva nk'uko, ariko urabyizera. Ukomeze ugumane nabyo. Amaherezo, nyuma y'igihe gito, uzamenya ko wabonye ubuzima bushya. Ubwo nibwo buryo bumwe bimeze hano. Ni imbuto yabibwe. Turimo turayibiba kubwo kubarambikaho ibiganza.

Ni iki turimo gukora muri ibi? Kwigaragaza ubwacu, kimwe no mu Isezerano rya Kera barambikaga ibiganza ku gitambo kugira ngo bigaragaze ubwabo. Kubwo kwizera turambika ibiganza kuri Kristo kugira ngo twisanishe ubwacu hamwe na We. Uyu munsi turambika ibiganza ku barwayi kugira ngo twisanishe n'Ijambo. Murabona? Murizeye noneho, kandi Umwami arabaha kugubwa neza.

85 Noneho, Mwene Data Borders agiye kuba aririmba gake gake, kandi abacuranzi ba orgue na piano, n'abandi, "Izere gusa, byose birashoboka, Izere gusa."

Tekereza gusa ubu, Yesu Arimo amanuka avuye ku musozi. Abandi bigishwa bari bananiwe wa muntu wari ufite igicuri, nyuma y'uko Abahaye imbaraga zo kwirukana abadayimoni mu minsi mike mbere y'ibyo. Ntabwo byari uko batari bafite imbaraga. Ariko Yaravuze ati, "Kutizera kwanyu niko kwabiteye." Ariko igihe aje kuri Yesu yamenye ko akoze ku kwizera noneho. Noneho, wizere n'umutima wawe wose ubu, mu gihe turimo kuririmba dutuje, "Izere Gusa." Mwene Data Borders. [Umwanya utariho ikintu kuri kasete—Ed.]

...Izere gusa

Ibintu byose birashoboka, Izere gusa.

Noneho, reka turirimbe nka gutya, ababishaka bose.

Noneho, ndizeye (Ese urizeye? Zamura ikiganza cyawe gusa.) Noneho ndizeye;

O Mana, mu Izina rya Yesu kiza aba, Mwami abo utu dutambaro duhagarariye, kubw'icyubahiro Cyawe. Biduhe, Mwami.

… Ndizeye,

Oh, ubu ndizeye, ubu ndizeye;

Ibintu byose birashoboka, ubu noneho ndizeye.

86 Muzi icyo twakoze? Twakurikije amategeko ya Yesu Kristo. Noneho, uracyari kumwe na cya cyemezo cyawe? "Nakize. Ntibishoboka ko nareka gukira, kubera ko Imana yatanze isezerano. Hamwe n'iminwa yanjye ipfa, ikintu cya nyuma ku minwa yanjye, ni ' Ndizeye nakize.'" Urabyizera nka guyto? "Ndabyizera." Imana ibahe umugisha, mwene Data, mushiki wacu.

Noneho, reka duhagarare ku birenge byacu akanya gato. Ntabwo nzi ngo biraba ryari, ndibwira ko ari aka kanya, ariko…

Kugeza duhuye! Kugeza duhuye!

Kugeza duhuriye ku birenge bya Yesu; (We ari hano hamwe natwe ubu.)

Kugeza duhuye! Kugeza duhuye!

Imana ibe hamwe namwe kugeza twongeye guhura!

Reka twubike imitwe yacu mugihe turimo kuririmba bucece. [Mwene Data Branham atangira kuririmbira muriwe —Ed]

Kugeza duhuye. O Mana, reka Ijambo Ryawe ribe Itabaza ubu, icyo twabonye, kandi twumvishe, kandi twasomye, kandi reka kituyobore ku birenge Byawe. Reka iteka twe tugume aho, twizera Ijambo, buri kintu cyose Wasezeranije. Biduhe, Mwami.

Kugeza duhuye! Kugeza duhuye!

Imana ibe hamwe namwe kugeza twongeye guhura!

Reka twubike imitwe yacu ubu. Mwene Data mukundwa w'igiciro, Mwene Data Johnson, aza gusoza amasengesho. Imana ibahe umugisha, mwene Data.

MESSAGE hub online

Ibibwiriza bya
William Marrion Branham
"...mu minsi y'ijwi ..." Ibyah. 10:7

www.messagehub.info